

AMABWIRIZA YA MINISTIRI W' UBUZIMA N°
2010002... YO KUWA M.1.10.12022 AGENGA
IBIGO CY'UBUVUZI BYIGENGA

MINISTERIAL INSTRUCTIONS
N° 2010002... OF M.1.10.12022
GOVERNING PRIVATE HEALTH FACILITIES

INSTRUCTIONS MINISTERIELLES 11 OCT 2022
N° 2010002... DU.../.../2022
RÉGISANT DES ÉTABLISSEMENTS DE SANTÉ
PRIVÉS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

UMUTWE WAMBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Article one: Purpose of these Ministerial Instructions

Article 1: Objet de ces instructions ministérielles

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définition des termes

Ingingo ya 3: Ibyciro by'ibigo by'ubuvuzi byigenga

Article 3: Categories of private health facilities

Article 3: Catégories des établissements de santé privés

Ingingo ya 4: Ibipimo bishingirwaho kugira ngo ikigo cy'ubuvuzi cyabikorera cyemererwe gukora

Article 4: Standards for operating a private health facility

Article 4: Normes pour exploitation d'un établissement de santé privé

Ingingo ya 5: Inshingano z'ikigo cy'ubuvuzi kigenga

Article 5: Responsibilities of the Private Health facility

Article 5: Responsabilités d'un établissement Privé

UMUTWE WA II: KWANDIKA NO GUKORA NK' IKIGO CY'UBUVUZI KIGENGA

CHAPTER II: REGISTRATION TO OPERATE A PRIVATE HEALTH FACILITY

CHAPITRE II: ENREGISTREMENT ET FONCTIONNEMENT D'UN ÉTABLISSEMENT DE SANTÉ PRIVÉ

Ingingo ya 6: Iyandikwa ry' ikigo cy'ubuvuzi kigenga

Article 6: Registration of a private health facility

Article 6: Enregistrement d'un établissement de santé privé

Ingingo ya 7: Urushushya rwo gukora

Article 7: License to operate

Article 7: Licence d'exploitation

Ingingo ya 8: Igihe urushushya rwo gukora rumara.

Article 8: Validity of the license

Article 8: Validité d'une licence d'exploitation

Ingingo ya 9: Kongera igihe urushushya rwo gukora

Article 9: Renewal of the license

Article 9: Renouvellement de la licence d'exploitation

<u>Ingingo ya 10:</u> Ibisabwa muri gahunda yo kwimakaza ireme rya serivisi ku bigo byubuvuzi byigenga bitanga ubuvuzi bw'icyitegererezo n'ubwisumbuye	<u>Article 10:</u> Accreditation requirements for Private health facilities providing tertiary and secondary health care	<u>Article 10 :</u> Exigences d'accréditation pour les établissements de santé privés fournissant de soins de santé tertiaires et secondaires
<u>Ingingo ya 11:</u> Kwimura aho ikigo cy'ubuvuzi kigenga gikoreza	<u>Article 11:</u> Relocation of a private health facility	<u>Article 11 :</u> Déménagement d'un établissement de santé privé
<u>Ingingo ya 12:</u> Gusaba Serivisi nshya mu kigo cy'ubuvuzi kigenga	<u>Article 12:</u> Applying for new services in private health facility	<u>Article 12:</u> Demander de nouveaux services dans un établissement de santé privé
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibyiyongera ku bisabwa ikigo cy'ubuvuzi gitanga serivisi koranabuhanga	<u>Article 13:</u> Additional requirements for digital health facility	<u>Article 13:</u> Exigences supplémentaires pour l'établissement de santé numérique
<u>Ingingo ya 14:</u> Ubugenzuzi	<u>Article 14:</u> Inspections	<u>Article 14:</u> Inspection
<u>Ingingo ya 15:</u> Igihe cyo gutanga uruhushya rwo gukora	<u>Article 15:</u> Period for issuance of license to operate	<u>Article 15 :</u> Période pour délivrer une licence d'exploitation
<u>Ingingo ya 16:</u> Kujuhirira icyemezo cyafashwe	<u>Article 16:</u> Appeal against a decision	<u>Article 16 :</u> Appel contre une décision
<u>Ingingo ya 17:</u> Guhagarika imirimo y'ikigo cy'ubuvuzi cy'abikorera	<u>Article 17:</u> Closing the activities of a private health facility	<u>Article 17 :</u> Fermeture des activités d'un établissement de santé privé
<u>Ingingo ya 18:</u> Amasezerano yo kunoza ireme rya serivisi	<u>Article 18:</u> Quality services agreement	<u>Article 18:</u> Convention de prestations de qualité
UMUTWE WA III: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI N'IBIHANO	CHAPTER III: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS	CHAPITRE III: LES FAUTES ET LES SANCTIONS ADMINISTRATIVES
<u>Ingingo ya 19 :</u> Ibyiciro by'amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano	<u>Article 19:</u> Categories of Administrative Faults and Sanctions	<u>Article 19 :</u> Catégories des fautes et les sanctions administratives
<u>Ingingo ya 20:</u> Uburangare n'amakosa y'umwuga.	<u>Article 20:</u> Professional faults and sanctions	<u>Article 20:</u> Professional faults and sanctions

<u>Ingingo ya 21: Kwihanangirizwa</u>	<u>Article 21: Warning</u>	<u>Article 21: Avertissement</u>
<u>Ingingo ya 22: Guhagarikwa by'agateganyo kw'ikigo cy'ubuvuzi</u>	<u>Article 22: Suspension of a healthcare facility</u>	<u>Article 22: Suspension temporaire d'une formation sanitaire</u>
<u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo 23: Iwanwaho ry'ingingo zinyuranye n'iri teka</u>	<u>Article 23: Repealing provision</u>	<u>Article 23: Disposition abrogatoire</u>
<u>Ingingo ya 24: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</u>	<u>Article 24: Commencement</u>	<u>Article 24: Entrée en vigueur</u>
AMABWIRIZA YA MINISTIRI W' UBUZIMA N° YO KUWA AGENGA IBIGO CY'UBUVUZI BYIGENGA	MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° OF GOVERNING PRIVATE HEALTH FACILITIES	INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N° DU RÉGISANT DES ETABLISSEMENTS DE SANTE PRIVES
Minisitiri w'Ubuzima,	The Minister of Health,	Le Ministre de la santé,
Ashingiye ku itegeko No. 10/98 ryo kuwa 28/10/1998 ryerekeranye n'ubuhanga bwo kuvura;	Pursuant to the Law N° 10/98 of 28/10/1998 establishing the practice of Art of Healing;	Vu La Loi No 10/98 du 28/10/1998 portant exercice de l'Art de Guérir ;
Ashingiye ku itegeko No 08/2006 ryo kuwa 24/02/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'akarere;	Pursuant to Law No 08/2006 of 24/02/2006 determining the organization and functioning of the district.	Vu la Loi No 08/2006 du 24/02/2006 portant sur l'organisation et le fonctionnement du District ;
Ashingiye ku itegeko No 22/19 ryo kuwa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali;	Pursuant to Law No 22/19 of 29/07/2019 Governing the city of Kigali;	Vu la Loi No 22/19 du 29/07/2019 régissant la ville de Kigali ;
Asubiyeye ku mabwiriza ya Minisitiri No 20/0003 y'0 kuwa 23/09/2020 agenga ibigo by'ubuvuzi byigenga mu Rwanda;	Have reviewed the Ministerial Instructions No 20/0003 of 23/09/2020 governing Private Health Facilities in Rwanda;	Revu les Instructions Ministérielles n° 20/0003 du 23/09/2020 régissant les Formations Sanitaires Privées au Rwanda ;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:	ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:	DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES :
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> icyo aya mabwinza agamije	<u>Article one:</u> Purpose of these Instructions	<u>Article premier:</u> Objet des présentes instructions
Aya mabwiriza agenga ibigo by'ubuvuzi by'igenga.	These instructions govern private health facilities.	Ces instructions régissent les établissements de santé privé.
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo	<u>Article 2: Definition</u>	<u>Article 2: Définition</u>
Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	Under these instructions, the following terms have the following meanings:	Dans les présentes instructions, les termes ci-après repris ont les significations suivantes :
1°. Igenamigambi ry'imikorere: inyandiko igaragaza impamvu, intego, ibikorwa, isesengura ry'isoko, agaciro, kigishoro, uburyo ikigo cy'ubuvuzi cyizakura hamwe n'isesengura ry'umutungo wakoreshejwe ndetse n'uwinyiye; 2°. Uruhushya rwo gukora rwa burundu: icyemezo cyo gukora gihabwa ikigo cy'ubuvuzi kibemerera gutangira gutanga serivisi; 3°. Minisitiri: Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze; 4°. Minisitiri: Minisitiri ifite ubuzima mu nshingano zayo;	1°. Business plan: a written document stating the reason, the purpose, the scope of services, an analysis of the market, the amount of investment, the projected growth of the health facility and a financial analysis of the expenses and revenue; 2°. License to operate: a written authorization to operate a private health facility; 3°. Minister: Minister having the health in his/her attributions; 4°. Ministry: Ministry having the health in its attributions;	1° Plan d'affaires : un document écrit indiquant la raison, l'objet, le champ d'application des services, l'analyse de marché, le montant de l'investissement, la croissance prévue pour l'établissement de santé et une analyse financière des dépenses et des recettes escomptées; 2° Permis d'exploitation : une autorisation écrite d'exploiter un établissement de santé; 3° Ministre : Ministre ayant la santé dans ses attributions; 4° Ministère : Ministère ayant la santé dans ses attributions;

5°. Umukozi wa Ministeri y'ubuzima: umuntu uhabwa umushahara wa buri kwezi na ministeri y'ubuzima. Abakozi b'ibitaro, ibigo nderabuzima hamwe n'ibigo biyishamikiyeho ntabwo barimo	5°. An employee of the Ministry of Health: a person whose monthly salary is paid by the Ministry of Health. Employees of Hospitals, health centers and affiliated agencies are not included.	5° Un employé du Ministère de la Santé : Une personne dont le salaire mensuel est payé par le Ministère de la Santé. Les employés des hôpitaux, les centres de santé et les organismes affiliés ne sont pas inclus.
<u>Ingingo ya 3: Ibyciro by'ibigo by'ubuvuzi byigenga</u> Ibigo by'ubuvuzi byigenga biri mu byiciro bikurikira: 1°. Ubwoko bw'ibigo by'ubuvuzi bitanga ubuvuzi bw'ibanze a) Ikigo cy'ubuvuzi buhabwa ababa mu bigo by'abakuze; b) Ubuvuzi butangirwa mu rugo c) Dispanseri; d) Kilinike yita ku mubyeyi mbere na nyuma yo kubyara; e) Cabinet; f) Kilinike yita ku buzima bwo mu mutwe; g) Kilinike z'abakora imyuga yunganira ubuvuzi; h) Kilinike zikoreza mu bigo; i) Kilinike rusange; j) Ivuriro ritanga serivisi z'ubuvuzi koranabuhanga; 2°. Ubwoko bw'ibigo by'ubuvuzi bitanga ubuvuzi bwo ku rwego rwisumbuye a) Poliklinike; b) Kilinike yihariye; c) Ikigo cy'ubuvuzi bwihariye	<u>Article 3: Categories of private health facilities</u> Private health facilities are in three categories as follow: 1°. Types of Private health facilities providing Primary Health Care a) Nursing Home b) Home Care c) Dispensary; d) Antenatal and postnatal clinic; e) Cabinet; f) Mental health clinic; g) Paramedical clinic; h) Institution clinic i) General clinic; j) Digital health facility. 2°. Types of Private health facilities providing Secondary Health Care: a) Polyclinic; b) Specialized clinic; c) Specialized centre	<u>Article 3: Catégories des établissements de santé privés</u> Les établissements de santé privés comprennent de catégories suivantes : 1°. Les types d'établissements de santé privées dispensant des soins de santé primaires a) Soins en maison de retraite b) Soins infirmiers à domicile c) Dispensaire; d) Clinique prénatale et postnatale ; e) Cabinet; f) Clinique de santé mentale ; g) Clinique paramédicale ; h) Clinique des institutions ; i) Clinique générale ; j) Établissement de santé numérique 2°. Les types d'établissements de santé privées dispensant des soins de santé secondaires: a) Polyclinique ; b) Clinique spécialisée; c) Centre Spécialisé

d) Ikiyo gitunga serivisi zo gupima indwara hatarimo serivisi zihambaye zo gupima indwara.	d) Diagnostic Centre without super specialized diagnostic services.	d) Centre de diagnostic sans services de diagnostic super spécialisés.
3°. Ubwoko bw'ibigo by'ubuvuzi bitanga ubuvuzi bwo ku rwego rw'icyitegererezo a) Ibitaro byigenga; b) Ikiyo gitunga serivisi zo gupima indwara gifite CT scan, MRI n'izindi serivisi zihambaye zipima; e) Ibitaro bitanga serivisi zihariye.	3°. Types of Private Health Facilities providing Tertiary Health care : a) Private hospital; b) Diagnostic center with CT scan, MRI and other super specialized diagnostic services; c) Specialized hospital.	3°. Les types d'établissements Privés dispensant des soins de Santé Tertiaires: a) Hôpital privé; b) Centre de diagnostic avec tomodensitométrie, IRM et autres services de diagnostic super spécialisés; d) Hôpital spécialisé.
Dispanseri zisanzwe zikora zemerewe gusaba kongerera uruhushya, ariko Minisiteri ntabwo yakira ubusabe bushya bw'abashaka kuba muri icyi cyiciro. Buri serivisi iri mu kigo cy'ubuvuzi igomba kuba ifite nibura abakozi basabwa kugirango hatangwe serivisi nziza. Abahagarariye serivisi z'ubuvuzi bagomba kuba ari abakozi bahoraho. Ibisabwa kuri buri cyiciro cy'ibigo by'ubuvuzi byigenga biri ku mugereka w'aya mabwiriza ya Minisitiri.	Existing and operating dispensaries are allowed to apply for a renewal of license, but the Ministry does not accept new applications for applicants in this category. Each service in the health facility must have at least the minimum required staff to provide quality services. Heads of clinical service categories must be permanent employees. Requirements for each category of private health facility are mentioned in the annex of these Ministerial Instructions.	Les dispensaires existants et en activité sont autorisés à demander un renouvellement de licence, mais le ministère n'accepte pas les nouvelles demandes des candidats de cette catégorie. Chaque service de l'établissement de santé doit disposer du personnel minimum requis pour fournir des services de qualité. L'employé qui représente chacun des services doit travailler à la clinique de façon permanente. Les exigences pour chaque catégorie d'établissement de santé privé sont mentionnées dans l'annexe des présentes instructions ministérielles.

<u>Ingingo ya 4:</u> Ibiipimo bishingirwaho kugira ngo ikigo cy'ubuvuzi cy'abikoreye cyemererwe gukora	<u>Article 4:</u> Standards for operating a private health facility	<u>Article 4 :</u> Normes pour exploitation d'un établissement de santé privé
Ibiipimo bishingirwaho kugirango ikigo cy'ubuvuzi cy'abikoreye cyemererwe gukora biri ku mugereka w'aya mabwiriza	Standards for operating a private health facility are mentioned in the annex to these instructions	Les normes pour exploitation d'un établissement de santé privé sont indiquées dans l'annexe de ces instructions.
<u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z'ikigo cy'ubuvuzi kigenga	<u>Article 5:</u> Responsibilities of the Private Health facility	<u>Article 5:</u> Responsabilités d'un établissement Privé
Ikigo cy'ubuvuzi kigenga gifite inshingano z'ingenzi zikurikira:	The Private health facility has the following key responsibilities:	L'établissement Privé a les principales responsabilités suivantes :
1°. gutanga serivisi z'ubuvuzi zinoze;	1°. to provide quality health care services;	1°. Fournir des services médicaux de qualité ;
2°. gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano byo mu gihugu;	2°. to communicate and cooperate with other relevant national agencies.	2°. Communiquer et coopérer avec d'autres agences nationales pertinentes.
3°. gutanga serivise zikubiyeye mu ruhushya rwo gukora;	3°. to deliver the service package per current license.	3°. Fournir le paquet de services par licence actuelle.
4°. gutanga serivise nkuko bikubiyeye mu mabwiriza n'imironko ngenderwaho yo kuvura, no gukoresha imiti;	4°. to deliver the service package per standard treatment guidelines, protocols and use of medicines;	4°. Fournir l'ensemble de services conformément aux directives de traitement standard, aux protocoles et à l'utilisation des médicaments ;
5°. gukoresha abakozi bafite uruhushya rwemewe rwo gukora umwuga w'ubuvuzi;	5°. to ensure clinical staff employed have valid license to practice;	5°. S'assurer que le personnel clinique employé possède une licence valide ;
6°. gutanga ku gihe amakuru y'ubuvuzi hatangwa raporo yako kanya, ya buri cyumweru, y'ukwezi hakurikiye amabwiriza agenga imicungire y'amakuru yo kwa muganga ;	6°. to timely report the facility health data by reporting the immediate, weekly and Monthly report per data reporting Standard Operating Procedures of the Rwanda Health Management Information System.	6°. Communiquer en temps voulu les données de l'établissement en rapportant le rapport immédiat, hebdomadaire et mensuel selon les procédures opérationnelles standard de communication des données du système d'information sur la gestion de la santé du Rwanda.

7°. kumenyesha Ministeri amakuru y'ibwabaye mu kigo cy'ubuvuzi bidasanzwe ako kanya bikiba;	7°. to report to the Ministry any incident, near miss incident and/or sentinel incident occurs in the facility immediately after occurrence;	7°. signaler au ministère tout incident, incident évité de justesse et/ou incident sentinelle survenant dans l'établissement immédiatement après l'incident;
8°. kumenyesha Ministeri abakozzi bavura bashya bakora mu buryo buhoraho cyangwa budahoraho bahawe akazi n'ikigo cy'ubuvuzi n'abandi bunganira abakozzi bavura nk'abari mu myanya y'ubuyobozi bitarenze iminsi 7;	8°. to officially notify to Ministry any new health professionals (Full Time and Part Time) hired by health facility and key support staff such as senior managers within a period not exceeding 7 days;	8°. notifier officiellement au ministère tout nouveau professionnel de la santé (à temps plein et à temps partiel) embauché par l'établissement de santé et le personnel de soutien clé tel que les cadres supérieurs dans un délai n'excédant pas 7 jours;
9°. gukomeza gahunda yo kwita ku bakirya bagana ikigo cy'ubuvuzi;	9°. to maintain Customer care program at Private Health facility;	9°. maintenir le programme de soins à la clientèle dans l'établissement de santé privé;
10°. gutanga raporo buri mezi 6 muri Ministeri y'ubuzima y'Ubushakashatsi bwakozwe uko abagana ikigo cy'ubuvuzi bishimira imitangire ya serivisi;	10°. to report every 6 months to Ministry of health Patients Satisfaction survey conducted within the health facility;	10°. rendre compte tous les 6 mois au ministère de la santé de l'enquête de satisfaction des patients menée au sein de la formation sanitaire;
11°. gukomeza amahame yo ku rwego rwo hejuru y'ubuvuzi;	11°. to maintain high standards of clinical practice;	11°. Maintenir des normes élevées de pratique clinique;
12°. kwandika no gutanga raporo ako kanya mu Kigo cya RFDA ku bikurikiranwa ku miti n'ibiribwa nko gukeka ubusembwa mu miti, ingaruka z'imiti yanditswe ndetse n'amakosa mu mitangire y'imiti;	12°. to document and report immediately to Rwanda and Food Drug Authority all pharmacovigilance events such as suspect quality issue in medications, side effect of prescribed, medication error, etc.;	12°. Documenter et signaler immédiatement à RFDA tous les événements de pharmacovigilance tels que les problèmes de qualité suspects dans les médicaments, les effets secondaires des médicaments prescrits, les erreurs de médication, etc.
13°. kubahiriza uburenganzira bw'umuryango; n'imyirango;	13°. to commit to patient and family rights.	13°. s'engager pour les droits des patients et des familles.
14°. gushyiraho uburyo bukwiywe bwo gucunga neza no guhumanura ibikoresheho byo kwa muganga;	14°. to maintain appropriate management mechanisms of sterilization;	14°. maintenir des mécanismes de gestion appropriés de la stérilisation;

15°. gukomeza umutekano wo kwirinda inkongi y'umuriro; 16°. kurengera ubuzima bw'ibidukikije n'umutekano w'abyo; 17°. kuzuza no kubika neza amafishi y'abarwayi; 18°. Kugira imiti n'ibindi bikenewe. 19°. Gukoresha sisitemu ya HMIS mukwandika amakuru yabarwayi	15°. to commit to fire safety program; 16°. to commit to environmental health and safety; 17°. to complete and store properly patients files; 18°. to ensure availability of medical supplies. 19°. Use of HMIS software in patient data recording	15°. s'engager dans le programme de sécurité incendie; 16°. s'engager pour la santé et la sécurité environnementales; 17°. bien remplir les dossiers des patients; 18°. assurer la disponibilité des fournitures médicales. 19°. Utilisation du logiciel HMIS dans l'enregistrement des données des patients
UMUTWE WA II: KWANDIKA NO GUKORA NK'IKIGO CY'UBUVUZI KIGENGA <u>Ingingo ya 6: Iyandikwa ry' ikigo cy'ubuvuzi kigenga</u> Intambwe ya mbere mu mikorere y'ikigo cy'ubuvuzi cyigenga ni ukwiyandikisha muri Ministeri. Ibisabwa mu kwiyandikisha nk'ikigo cy'ubuvuzi kigenga ni ibi bikurikira: 1°. ibarurwa isaba kwandikishwa nk'ikigo cy'ubuvuzi kigenga yandikiwe Mimitiri inyujijwe k'Umuyobozi w'Akarere ahereyemo, cyangwa ku Muyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere mu Mujiyi wa Kigali;	CHAPTER II: REGISTRATION TO OPERATE A PRIVATE HEALTH FACILITY <u>Article 6: Registration of a private health facility</u> The first step to operate a private health facility is registration in the Ministry. The requirements for registration as a private health facility are as follows: 1°. application letter for registration as a private health facility addressed to the Minister with a copy to the Mayor of the District where he/she resides or the District Executive Administrator in Kigali City;	CHAPITRE II: ENREGISTREMENT ET FONCTIONNEMENT D'UN ÉTABLISSEMENT DE SANTÉ PRIVÉ <u>Article 6: Enregistrement d'un établissement de santé privé</u> La première étape pour exploiter un établissement de santé privé est l'enregistrement auprès du ministère. Les conditions d'enregistrement en tant qu'un établissement de santé privé sont les suivantes : 1°. Une lettre de demande d'enregistrement comme un établissement de santé privé adressé au Ministre avec sous couvert du maire du District ou de l'Administrateur Exécutif du District dans la Ville de Kigali;

2°. kopi y'icyemezo cyo kwiwandikisha nk'ikigo cy'ubucuruzi gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'iterambere; 3°. ibyangombwa by'usaba kwandikisha ikigo cy'ubuvuzi: a) Umwirondoro, b) Inyandiko mpanabyaha c) Kopi y'indangamuntu cyangwa Passiporo; 4°. inyandiko y'igenamigambi ry'imikorere igaragaza uburyo ateganya gushora imari mu gihe cy'imyaka itanu (5) Mu gihe usaba yujye ibisabwa mu kwiwandikisha ahabwa urwandiko rwo kwandikisha ikigo cy'ubuvuzi, Cyakora, iyandikwa ry'ikigo cy'ubuvuzi nticyemerera gutangira gutanga serivisi z'ubuvuzi cyitarahabwa uruhushya rwo gukora.	2°. copy of certificate of domestic company registration issued by the Rwanda Development Board; 3°. Files of the applicant: a) curriculum Vitae; b) criminal record; c) identity card or Passport copy 4°. business plan for five (5) years When the applicant has fulfilled the requirements for registration, it is sanctioned by a certificate issued by ministry. However, the registration of the health facility does not allow it to start providing medical services without an operating license.	2°. Une copie du certificat d'enregistrement d'une société délivrée par l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda (RDB); 3°. Le dossier du demandeur : a) curriculum Vitae; b) Extrait du casier judiciaire c) Copie de la pièce d'identité ou du passeport 4°. plan d'affaires pour cinq (5) ans Lorsque le demandeur a rempli les conditions d'enregistrement, il est sanctionné par un certificat délivré par le ministère. Cependant, l'enregistrement de l'établissement médical ne lui permet pas de commencer à fournir des services médicaux sans Licence d'exploitation.
<u>Ingingo ya Z: Uruhushya rwo gukora</u> Ikigo cy'ubuvuzi kigenga mbere yo gutangira gutanga serivisi z'ubuvuzi gisaba uruhushya rwo gukora. Ibisabwa ikigo cy'ubuvuzi kigenga mbere yo gutangira gukora nibi bikurikira: 1°. ibaruwa isaba Uruhushya rwo gukora nk'ikigo cy'ubuvuzi kigenga yandikwe	<u>Article Z: License to operate</u> Prior to the commencement of the provision of health care services, a private health facility shall request license to operate. The requirements for a private health facility to operate are as follows: 1°. A letter requesting the licence to operate as Private health facility	<u>Article Z: Licence d'exploitation</u> Avant le début de la prestation de services médicaux, un établissement médical privé doit demander une licence d'exploitation. Les conditions requises pour un établissement de de santé privé d'obtenir une licence d'exploitation sont les suivantes : 1°. Une lettre demandant la licence d'exploitation en tant qu'un établissement de

Ministiri inyujijwe k'Umuyobozi w'Akarere ahereyemo, cyangwa ku Muyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere mu Muji wa Kigali. Iyi baruwa igomba kwerekana mu buryo burambuye ubwoko bwa serisi busabirwa;	addressed to the Minister with a copy to the Mayor, or the District Executive Administrator of the District in the City of Kigali. This letter must specify in detail the type of service requested.	de santé privé adressée au Ministre par l'intermédiaire du Maire, ou de l'Administrateur Exécutif du District dans la Ville de Kigali. Cette lettre doit préciser en détail le type de service demandé;
2°. kopi y'icyemezo cyo kwandikisha ishoramari gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'iterambere;	2°. a copy of registration of investment issued by the Rwanda Development Board;	2°. une copie d'enregistrement de l'investissement délivré par l'Agence nationale de développement;
3°. kopi y'icyemezo cyo kwiyandikisha nk'ikigo cy'ubuvuzi gitangwa na Ministeri	3°. a copy of the certificate of registration as a private health facility issued by the Ministry;	3°. une copie du certificat d'inscription comme établissement de de santé privé délivré par le Ministère;
4°. Ibyangombwa by'abakozi bikurikira:	4°. The following Staff files:	4°. Les dossiers du personnel suivants :
a) Kopi ya diplome iriho umukoni wa noteri; b) Kopi y'indangamuntu cyangwa Passiporo;	a) Copy of notarized degree; b) Copy of ID or Passport;	a) Copie du diplôme notariée; b) Copie de la pièce d'identité ou du passeport;
c) icyemezo cyo gukora umwuga w'ubuvuzi ku bakozi bavura;	c) License to practice;	c) La licence d'exercer la profession;
d) Inyandiko mpanabyaha;	d) Criminal record;	d) Extrait du casier Judiciaire;
e) Umwironzoro wa buri mukozi;	e) Curriculum vitae of each employee;	e) Curriculum vitae de chacun employé;
f) icyemezo cy'umukoresha wa nyuma ku bakozi bahoraho;	f) Certificate of service rendered if full time employer	f) Attestation de services rendus si employeur à temps plein;
g) Abakozi badahoraho bagomba kwerekana icyemezo cy'akazi cyivuye kumukoresha uhoraho.	g) Employment Certificate of his/her usual working place for Part-time Staff	g) Attestation de service pour son employeur initial pour le personnel à temps partiel
h) Urushushya rwo gukoreza mu gihugu ku bakozi b'abanyamahanga	h) Working permit for foreign staff	h) Permis de travail pour le staff étranger
5°. Urushushya rwo gukoreza mu nyubako rutangwa n'umuyi wa Kigali cyangwa Akarere;	5°. An occupation permit issued by the City of Kigali or the District;	5°. un permis d'occupation délivré par la Ville de Kigali ou le District;
6°. Raporo y'ubugenzuzi yakozwe na Ministeri;	6°. The Inspection Report of the Ministry;	6°. le Rapport d'inspection du Ministère;
7°. icyemezo cy'uko yishyuye serivisi isaba urushushya rwo gukora;	7°. a receipt of payment for the service requesting a license	7°. un certificat de paiement pour le service demandant une licence d'exploitation.

<u>Ikigo cy'ubuvuzi cyigenga cyifuza gufungura irindi shami gikurikiza amabwiriza yose uko yakabaye nk'ikigo gishya.</u>	A private health facility opening another branch shall observe the same requirements for a private health facility to operate.	Un établissement de santé privé qui ouvre une autre succursale doit respecter les mêmes exigences pour le fonctionnement d'un établissement de santé privé.
<u>Ingingo ya 8: Igihe uruhushya rwo gukora rumara.</u>	<u>Article 8: Validity of the license</u>	<u>Article 8 : Validité d'une licence d'exploitation</u>
Uruhushya rwo gukora rumara imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.	The validity of the license is five (5) years renewable.	La validité d'une licence d'exploitation est de cinq (5) ans renouvelables.
<u>Ingingo ya 9: Kongera igihe uruhushya rwo gukora</u>	<u>Article 9: Renewal of the license</u>	<u>Article 9: Renouvellement de la licence d'exploitation</u>
Ikigo cy'ubuvuzi kigenga gisaba Ministiri kongerera igihe cyo gukora mbere yuko urusanzweho rurangira.	The Private health facility must request renewal of licence before the expiration of previous licence	L'établissement de santé privé doit demander le renouvellement de la licence avant l'expiration de la licence précédente
Ibisabwa kugira ngo uruhushya rwo gukora rwongerwe igihe n'ibi bikurikira:	Requirements for renewal of licence are as follows:	Les conditions de renouvellement de licence sont les suivantes :
1°. Ibarurwa isaba kongerera igihe cyo gukora yandikiwe Ministiri inyujijwe k'Umuyobozi w'Akarere aherereyemo, cyangwa ku Muyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere mu Mujiyi wa Kigali. Ibarurwa isaba yoherezwa byibuze amezi atatu (3) mbere yuko uruhushya rusanze rurangira.	1°. A letter requesting for renewal of licence addressed to the Minister with a copy to the Mayor, or to the District Executive Administrator in the City of Kigali. The letter should be sent three (3) months before the expiration of the current licence;	1°. Une lettre de demande de renouvellement de licence adressée au Ministre par l'intermédiaire du Maire, ou à l'Administrateur Exécutif de District dans la Ville de Kigali. La Lettre de demande doit être envoyée au moins trois (3) mois avant l'expiration de la licence actuelle.
2°. kopi y'icyemezo cyo kwandikisha ishoramari gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'iterambere;	2°. a copy of registration of investment issued by the Rwanda Development Board;	2°. une copie d'enregistrement de l'investissement délivré par l'Agence nationale de développement ;
3°. kopi y'icyemezo cyo kwiyandikisha nk'ikigo cy'ubuvuzi gitangwa na Ministiri	3°. a copy of the certificate of registration as a private health facility issued by the Ministry;	3°. une copie du certificat d'inscription comme établissement de santé privé délivré par le Ministère ;

4°. Kopi y'icyemezo cyemerera ikigo cy'ubuvuzi gukora nk'ikigo cy'ubuvuzi kigenga;	4°. a copy of the current licence authorizing the private health facility to operate;	4°. une copie du certificat autorisant l'établissement de santé privé à opérer ;
5°. Ibyangombwa by'abakozi bikurikira: a) Kopi ya diplome iriho umukoni wa noteri; b) Kopi y'indangamuntu cyangwa Passiporo; c) icyemezo cyo gukora umwuga w'ubuvuzi; d) Inyandiko mpanabyaha ; e) Umwironzoro wa buri mukazi; f) icyemezo cy'umukoresha wa nyuma ku bakozi bahoraho; g) icyemezo cy'umukoresha asanganywe ku bakozi badahoraho; h) Urubushya rwo gukoreza mu gihugu ku bakozi b'abanyamahanga	5°. The following Staff files: a) Copy of notarized degree; b) Copy of ID or Passport; c) License to practice; d) Criminal record; e) Curriculum vitae of each employee; f) Certificate of service rendered if full time employer; g) Employment Certificate of his/her usual working place for Part-time Staff; h) Working permit for foreign staff	5°. Les dossiers du personnel suivants : a) Copie du diplôme notariée; b) Copie de la pièce d'identité ou du passeport; c) La licence d'exercer la profession ; d) Extrait du casier judiciaire e) Curriculum vitae de chacun employé ; f) Curriculum vitae de chacun employé; g) Attestation de service pour son employeur initial pour le personnel à temps partiel; h) Permis de travail pour le staff étranger
6°. icyemezo cy'uko yishyuye serivisi isaba urubushya rwo kongerera igihe cyo gukora; 7°. Raporo y'ubugenzuzi yakozwe na Ministeri; 8°. icyemeza y'uko Raporo za HMIS zatanze imyaka 5 ibanziriza ubusabe bwo kongerera igihe urubushya; 9°. By'umwihariko ku bigo by'ubuvuzi byigenga bitanga serivisi zisumbuye n'izi icyitegererezo, raporo y'igenzura y'Urwego rw'ireme ry'ubuvuzi yerekana urwego ikigo kigezeho nkuko bigaragara mu ngingo ya 10 y'aya mabwiriza.	6°. a receipt of payment for the service requesting a licence renewal; 7°. Inspection report of the Ministry 8°. proof of reporting in HMIS for 5 years prior to renewal of license; 9°. Specifically for Private health facilities providing tertiary and secondary health care, an accreditation progress assessment report showing the attainment of respective levels as elaborated in the Article 10 of these instructions.	6°. un certificat de paiement pour le service demandant un renouvellement d'exploitation; 7°. Le Rapport d'inspection du Ministère ; 8°. Preuve de reportage dans le HMIS pendant 5 ans avant le renouvellement de la licence ; 9°. Spécifiquement pour les établissements de santé privés fournissant des soins de santé tertiaires et secondaires, un rapport d'évaluation de l'état d'avancement de l'accréditation montrant l'atteinte des niveaux respectifs, comme indiqué dans l'article 10 de ces instructions.

Ingungu ya 10: Ibisabwa muri gahunda yo kwimakaza ireme rya serivisi ku bigo by'ubuvuzi byigenga bitanga ubuvuzi bwicyitegererezo n'ubwisumbuye.	Article 10: Accreditation requirements for Private health facilities providing tertiary and secondary health care.	Article 10 : Exigences d'accréditation pour les établissements de santé privés fournissant de soins de santé tertiaires et secondaires.
Hari ibisabwa bitandukanye mu byiciro bikurikira byabasabye: Kuvugurura bwa mbere no kuvugurura gukurikira, kandi ibigo by'ubuvuzi byishingira ikiguzi cyo gukorerwa isuzuma ry'ireme rya serivisi ikigo cy'ubuvuzi kigezeho.	There are different requirements for the following categories of applicants: First time renewals and Subsequent renewals, and the facilities shall be responsible for the cost related to the accreditation assessments.	Il existe différentes exigences pour les catégories de candidats suivantes : Premiers renouvellements et Renouvellements ultérieurs; et les établissements seront responsables du coût lié aux évaluations d'accréditation.
1°. Uruhushya rwa mbere Mugihe, ikigo cy'ubuvuzi kigenga kigeze igihe cyo kuvugurura uruhushya bwa mbere, kigomba:	1°. First-time Licence Renewal By the time, the facilities are due to renew their first licence, they must:	1°. Premier renouvellement de licence Au moment où les établissements doivent renouveler leur première licence, elles doivent:
Kugera ku rwego rwa 1 rw'ireme ry'imikorerere y'ibigo by'ubuvuzi byigenga	Achieved Level 1 of Accreditation as per the Rwanda Accreditation Standards for private health facilities.	Atteindre le niveau 1 d'accréditation selon les normes d'accréditation du Rwanda pour les établissements de santé privés.
Mu gihe ikigo cy'ubuvuzi kitaragera ku rwego rwa 1 rw'ireme ry'imikorerere y'ibigo by'ubuvuzi mu gihe cyo kongera igihe cy'uruhushya rwo gukora, gisaba kongerwa igihe cy'uruhushya mu gihe cy'umwaka kugeza igihe kigeze ku rwego rwa 1.	In case a health facility has not achieved level 1 of accreditation by the end of the first renewal period, they may apply for extension of license for one year until level 1 is achieved.	Dans le cas où un établissement de santé n'a pas atteint le niveau 1 d'accréditation à la fin de la première période de renouvellement, il peut demander une prolongation de licence pour un an jusqu'à ce que le niveau 1 soit atteint.
2°. Impushya zikurikira zongera igihe cyo gukora Kuva ku ruhushya rwabo rwa kabiri rubongerera igihe cyo gukora , ibigo by'ubuvuzi byigenga	2°. Subsequent License Renewals From their second license renewal onwards, Private health facilities providing tertiary and	2°. Renouvellements ultérieurs de licence A partir de leur deuxième renouvellement de permis, les établissements de santé privés fournissant de soins

bitanga ubuvuzi bw'icyitegererezo n'ubwitsumbuye bigomba kugera ku rwego rwa 3 rw'ireme ry'ibigo by'ubuvuzi.	secondary health care must achieve Level 3 of Accreditation.	de santé tertiaires et secondaires doivent atteindre le niveau 3 d'accréditation.
Mu gihe ikigo cy'ubuvuzi kitaragera ku rwego rwa 3 rw'ireme ry' imikorere y'ibigo by'ubuvuzi mu gihe cyo kongera igihe cy'uruhushya rwo gukora (imyaka 10), gisaba kongerera igihe cy'uruhushya mu gihe cy'imyaka 2 kugeza igihe kigeze ku rwego rwa 3.	In case a health facility has not achieved level 3 of accreditation by the end of the second renewal period (10 years), they may apply for extension of license for two years' renewable until level 3 accreditation is achieved.	Dans le cas où un établissement de santé n'a pas atteint le niveau 3 d'accréditation à la fin de la deuxième période de renouvellement (10 ans), il peut demander une prolongation de licence pour deux ans renouvelables jusqu'à ce que le niveau 3 d'accréditation soit atteint.
Urwego rwa 3 rumaze kugerwaho, gusaba ko icyangombwa cyongererwa igihe bishingirwa mu kuguma ku rwego rwa 3 rw'ireme ry' imikorere y'ibigo by'ubuvuzi.	Once a level 3 is achieved, the subsequent renewals will be based on maintenance of level 3 accreditation.	Une fois le niveau 3 atteint, les renouvellements ultérieurs seront basés sur la maintenance du niveau 3 d'accréditation.
Ingungu ya 11: Kwimura aho ikigo cy'ubuvuzi kigenga gikorerwa	Article 11: Relocation of a private health facility	Article 11 : Déménagement d'un établissement de santé privé
Kwimura aho ikigo cy'ubuvuzi kigenga gikorerwa bikorwa icyo byatangirwe uruhushya na Ministiri.	The relocation of the private health facility is carried out with the permission of the Minister.	Le déménagement de l'établissement de santé privé est effectué avec l'autorisation du Ministre.
Ibisabwa kugirango ikigo cy'ubuvuzi kigenga cyimure aho gukorera ni ibi bikurikira:	Requirements for the relocation of a private health facility are as follows:	Les conditions requises pour le déménagement d'un établissement de santé privé sont les suivantes:
1°. Ibarurwa isaba kwimura ikigo cy'ubuvuzi yandikiwe Ministiri inyujijwe k'Umuyobozi w'Akarere ahereyemo, cyangwa ku Muyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere mu Mujyi wa Kigali;	1°. A letter requesting the relocation of private health facility addressed to the Minister with copy to the Mayor of the district, or to the District Executive Administrator in the City of Kigali;	1°. Une lettre de demande de déménagement de l'établissement de santé privé par l'intermédiaire du Maire, ou à l'Administrateur Exécutif du District dans la Ville de Kigali ;
2°. kopi y'icyemezo cyo kwandikisha ishoramari gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'iterambere;	2°. a copy of registration of investment issued by the Rwanda Development Board;	2°. une copie d'enregistrement de l'investissement délivré par l'Agence nationale de développement ;

3°. Kopi y'icyemezo cyo gukora n'ikigo cy'ubuvuzi gitangwa na Minisiteri 4°. Uruhushya rwo gukoreza mu nyubako rutangwa n'umuyi wa Kigali cyangwa Akarere; 5°. Raporo y'ubugenzuzi yakozwe na Minisiteri. Uruhushya rusaba kwimura aho gukoreza rusubizwa bitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe ubusabwagereye muri Minisiteri.	3°. A copy of the certificate of license to operate as a private health facility issued by the Ministry; 4°. An occupation permit issued by the City of Kigali or the District; 5°. Inspection report by Ministry. The licence to relocate a private health facility shall be provided by the Minister not later than thirty (30) days from the date of receipt of the application.	3°. Une copie du certificat de licence comme établissement de de santé privé délivré par le Ministère ; 4°. Un permis d'occupation délivré par la Ville de Kigali ou le District; 5°. Le Rapport d'inspection du Ministère. L'autorisation de déménagement un établissement de santé privé doit être délivrée au plus tard trente (30) jours à compter de la date de réception de la demande.
<u>Ingingo ya 12: Gusaba Serivisi nshya mu kigo cy'ubuvuzi kigenga</u> Serivisi nshya mu kigo cy'ubuvuzi kigenga zatangwa icyo byatangirwe uruhushya na Minisiteri. Ibisabwa kugirango ikigo cy'ubuvuzi kigenga cyongere serivisi mu ivuriro ni ibi bikurikira:	<u>Article 12: Applying for new services in private health facility</u> New services application at a private health facility is subject to the approval of the Minister. Requirements for a private health facility to apply for new service are as follows:	<u>Article 12: Demander de nouveaux services dans un établissement de santé privé</u> La demande de nouveaux services dans un établissement de santé privé est soumise à l'approbation du ministre Les conditions requises pour qu'un établissement de santé privé demande le service dans la clinique sont les suivantes :
1° Ibarurwa isaba kongera serivisi mu kigo cy'ubuvuzi kigenga yandikwe Minisitiri inyujijwe k'Umuyobozi w'Akarere ahareyemo, cyangwa ku Muyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere mu Muji wa Kigali; 2° kopi y'icyemezo cyo kwandikisha ishoramari gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'iterambere;	1° A letter applying for new in the private health facility addressed to the Minister with copy to the Mayor, or to the District Executive Administrator in the City of Kigali; 2° a copy of registration of investment issued by the Rwanda Development Board;	1°. Une lettre de demande de nouveaux services dans l'établissement de santé privé adressée au Ministre par l'intermédiaire du Maire, ou à l'Administrateur Exécutif de District de la Ville de Kigali ; 2°. une copie d'enregistrement de l'investissement délivré par l'Agence nationale de développement ;

3° Kōpi y'urushya rwo gukora nk'ikiyo cyubuvuzi gitangwa na Ministeri; 4° Raporo y'ubugenzuzi yakozwe na Ministeri; 5° Ibyangombwa by'abakozi bikurikira bazakorera muri serivisi zisabinwa kongerwamo : a) Kōpi ya dipolome iriho umukoni wa noteri; b) Kōpi y'indangamuntu cyangwa Passiporo; c) icyemezo cyo gukora umwuga w'ubuvuzi; d) Inyandiko mpanabyaha; e) Umwirondoro wa buri mukazi; f) icyemezo cy'umukoresha wa nyuma ku bakozi bahoraho; g) icyemezo cy'umukoresha asanganywe ku bakozi badahoraho; h) Urushya rwo gukoreba mu gihugu ku bakozi b'abanyamahanga	3° A copy of the licence to operate as a private health facility issued by the Ministry; 4° Inspection report by Ministry; 5° Details of Relevant Staff for the new service: a) Copy of notarized degree; b) Copy of ID or Passport; c) License to practice; d) Criminal record; e) Curriculum vitae of each employee; f) Certificate of service rendered if full time employer; g) Employment Certificate of his/her usual working place for Part-time Staff; h) Working permit for foreign staff	3°. Une copie du certificat autorisant l'établissement de santé privé à opérer ; 4°. Le Rapport d'inspection du Ministère ; 5°. Les dossiers du personnel suivants : a) Copie du diplôme notariée ; b) Copie de la pièce d'identité ou du passeport ; c) La licence d'exercer la profession ; d) Extrait du casier judiciaire; e) Curriculum vitae de chacun employé; f) Curriculum vitae de chacun employé; g) Attestation de service pour son employeur initial pour le personnel à temps partiel h) Permis de travail pour le staff étranger
---	---	--

Serivisi kugirango yemerwe nuko iba ifite abakazi bahoraho kandi bahagije bitewe n'icyiciro cy'ikigo cy'ubuvuzi.	A service to be accepted must have minimum permanent and adequate staff depending on the category of the health facility.	Un service pour être accepté doit disposer d'un personnel minimum permanent et adéquat selon la catégorie de la formation sanitaire.
Ingingo ya 13: ibyiyongera ku bisabwa ikigo cy'ubuvuzi gitanga serivisi koranabuhanga	Article 13: Additional requirements for digital health facility	Article 13: Exigences supplémentaires pour l'établissement de santé numérique
Ikigo cy'ubuvuzi gisaba gutanga serivisi koranabuhanga, uretse ibisabwa byavuzwe mu ngingo ya 7 y'iri teka kigomba kubahiriza ibyibanze bikurikira:	A health care facility requesting the provision of digital health services in addition to the requirements set out in Article 7 of this instruction, must comply with the following basic requirements:	Un établissement de santé qui demande la fourniture de services de santé numérique en plus des exigences prévues à l'article 7 du présent arrêté, doit respecter les exigences fondamentales suivantes :
1° Kubika amakuru y'abarwayi mu Rwanda;	1° To host patients' data exclusively within Rwanda;	1° Héberger les données des patients exclusivement au Rwanda;
2° Kugira umukozi wize ikoranabuhanga n'itumanaho byibuze ufite icyiciro cya kabiri cya Kamunza;	2° To have a qualified Information and Communication Technology Officer with at least 2 years working experience;	2° Avoir un agent qualifié en technologie de l'information et de la communication avec niveau Ao Au moins ;
3° Kugira ububiko bw'amakuru ;	3° To have a production and backup servers;	3° Avoir un serveur de production et un serveur de sauvegarde;
4° Kugira porogaramu y'ikoranabuhanga yabugenewe mu gukoresha iyakure bavugana n'abakirya;	4° To have a Call Center Customer Relationship Management software;	4° Avoir un logiciel de gestion du centre d'appels;
5° Kugira porogaramu y'ikoranabuhanga yo gutangiramo serivisi z'ubuvuzi;	5° To have an Electronic Medical Record System;	5° Avoir un système électronique de dossiers médicaux;
6° Kugira umurongo wa murandasi wizewe kandi wihuta;	6° To have reliable and fast Internet connectivity;	6° Avoir une connectivité Internet fiable et rapide;
7° Kugira mudasobwa n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga;	7° To avail computers and headsets;	7° Avoir des ordinateurs et des écouteurs;

8° Uburyo bwunganira ubusanzwe mu kubika umuriro.	8° To have backup electricity supply system.	8° Avoir un système de réserve électrique de secours.
Ministeri ishinyiraho amabwiriza y'umwihariko ku bigo by'ubuvuzi koranabuhanga.	The Ministry shall establish licensing standards specific to Digital health facility.	Le ministère établira des normes d'agrément spécifiques aux établissements de santé numérique.
<u>Ingingo ya 14: Ubugenzuzi</u>	<u>Article 14: Inspections</u>	<u>Article 14: Inspection</u>
Ubugenzuzi bwo gutanga uruhushya rwo gukora, kongerera igihe uruhushya rwarangiyeye, kuzamura urwego rw'ikigo cy'ubuvuzi cyangwa kongeramo serivisi bukorwa inshuro enye mu mwaka:	The inspection for licensing, licence renewal, upgrading and/ or additional services shall be carried in four periods over a year:	L'inspection pour l'autorisation, le renouvellement de l'autorisation, la mise à niveau et/ou les services supplémentaires doit être effectuée en quatre périodes sur une année :
I. Muri Gashyantare II. Muri Gicurasi III. Muri Kanama IV. Mu Ugushyingo	I. In February II. In May III. In August IV. In November	I. En février II. En mai III. En août IV. En novembre
Cyakora ubugenzuzi bukorwa mu minsi 15 uhereye igihe uwasabye ashaka kwimura aho ikigo cy'ubuvuzi gikorerwa.	However, inspection for relocation of a health facility shall be carried out within a period not exceeding fifteen (15) calendar days from the date of application,	Toutefois, l'inspection pour la relocalisation d'un établissement de santé doit être effectuée dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours calendaires à compter de la date de la demande,
Ministeri yohereza gahunda y'ubugenzuzi byibuze iminsi 30 mbere, ku buyobozi bw'akarere ndetse n'Ubuyobozi bw'ubwishingizi kugirango hakorwe itsinda rihuriweho.	The Ministry sends the inspection plan at least 30 days in advance, to the district administration and the insurance for the formation of a joint team.	Le Ministère envoie le plan d'inspection au moins 30 jours à l'avance, à l'administration du district et à l'assurance pour la constitution d'une équipe conjointe.
Cyokora, ku kigo gisaba kwimuka, iri menyesha rikorwa iminsi 7 mbere.	However, for private Health Facility requesting for relocation, this notification is made 7 days in advance.	Cependant, pour les établissements de santé privés demandant une relocalisation, cette notification est faite 7 jours à l'avance.
Itsinda rihuriweho rigizwe na:	The joint team consists of:	L'équipe conjointe est composée de :
1° Abakozi nibura 2 bahagarariye Ministeri;	1° At least 2 employees representing the Ministry;	1° Au moins 2 agents représentant le Ministère;

2° Umuyobozi Mukuru w'ibitaro by'akarere biri mu karere usaba ashaka gukoreramo cyangwa umuhagarariye; 3° Umuyobozi w'agashami gafite ubuzima mu nshingano zako ku rwego rw'akarere; 4° Umuyobozi w'ikigo nderabuzima kiri mu murenge ikigo cy'ubuvuzi cyifuza gukoreramo; 5° Umuyobozi wa laboratwari y'ibitaro by'akarere; 6° Umuganga uyobora serivisi imwe mu bitaro by'akarere mu zo ikigo cyigenga kiri gusabira; 7° Abahagarariye ubwishingizi bw'ubuvuzi. Ubugenzuzi bwemerewe gukorwa icyo byibuzwe abagize itsinda batari muni ya batanu. Iri tsinda rikora raporo isinywaho n'abagize ubugenzuzi bose muri kopi zingana n'inzego bahagarariye. Igihe igenzura rigaragaje ko hari ibituzuye mu busabe, usaba agomba kubimenyeshwa mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi uhereye igihe ubugenzuzi bwakorewe. Mu gihe ubugenzuzi bwerekanye ko ikigo cy'ubuvuzi hari ibyo kitubahirije kandi bisaba ko hongera gukorwa ubundi bugenzuzi, ubu bugenzuzi ntabwo bukorwa mu gihe kiri muni y'iminsi 30 ariko kitarengeje iminsi 60 uhereye igihe ubugenzuzi bwa mbere bwakorewe.	2° The Director General of the District Hospital or his/her representative in the district locating a private health facility applying for license; 3° The Director of unit at District with health in his/her responsibilities; 4° The Head of health centre in the sector where the applying private Health facility is located; 5° Head of the District Hospital Laboratory; 6° Medical Doctor, head of one of services at District hospital level among services applied for by private health facility; 7° Medical Insurance Representatives. Inspection is conducted when at least five members of the joint team are present. The joint team makes a report signed by all members in number of copies equal to the agencies represented during inspection. In case the requirements were not fulfilled in the application, the applicant shall be informed in a period not exceeding ten (10) working days from the date of application. While the inspection has shown that the health facility has not complied with the requirements and requires a re-inspection, this inspection is not carried out within a period of less than 30 days but not more than 60 days from the date of the first inspection.	2°. Le directeur général de l'hôpital de district ou son représentant dans le district où se trouve un établissement de santé privé qui demande une licence; 3°. Le Directeur d'unité au District avec la santé comme attributions; 4°. Le titulaire de centre de santé dans le secteur abritant un établissement de santé privé demandeur d'agrément; 5°. Chef du Laboratoire de l'Hôpital de District; 6°. Médecin chef d'un des services au niveau de l'hôpital de District parmi les services sollicités par les formations sanitaires privées; 7°. Représentants d'assurance maladie. L'inspection est effectuée lorsqu'il y a des conditions membres de l'équipe conjointe sont présents. L'équipe conjointe établit un procès-verbal signé par tous les membres en nombre d'exemplaires égal aux organismes représentés lors de l'inspection. Lorsque l'inspection indique qu'il y a des conditions non respectées dans la demande, le demandeur en est informé dans un délai de dix (10) jours ouvrables à partir de la date d'inspection. Bien que l'inspection ait montré que l'établissement de santé ne s'est pas conformé aux exigences et nécessite une nouvelle inspection, cette inspection n'est pas effectuée dans un délai inférieur à 30 jours mais pas supérieur à 60 jours à compter de la date de la première inspection
--	--	--

Ingingo ya 15: Igihe cyo gutanga uruhushya rwo gukora Uruhushya rwo gukora rutangwa mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) y'akazi uhereye igihe ubugenzuzi bwakorewe. Ingingo ya 16: Kujuririra icyemezo cyafashwe Usaba uruhushya rwo gukora afitwe uburenganzira bwo kujuririra icyemezo cyamufatiye mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye umunsi icyemezo cyafatiye. Urwandiko rw'ubujurire rwandikiwa Minisitiri rusobanura impamvu yujurira abona ko yarenganiye. Minisitiri asubiza ubujurire mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uhereye ku munsi yakiriyeho ubwo bujuriye. Ingingo ya 17: Guhagarika imirimo y'ikiro cy'ubuvuzi cy'abikorera Usaba guhagarika imirimo y'ikiro cy'ubuvuzi cy'abikorera yandikira Minisitiri abisaba agagaraza n'impamvu. Ibarurwa isaba guhagarika imirimo y'ikiro cy'ubuvuzi cy'abikorera igaragaza ibi bikurikira: 1°. ko byamenyeshejwe ubuyobozi bw'Akarere akoraramo;	Article 15: Period for issuance of license to operate The Licence shall be issued in a period not exceeding thirty calendar (30) days from the date of inspection. Article 16: Appeal against a decision An applicant for the license has the right to lodge appeal against a decision related to him/her within a period not exceeding five (5) working days from the date the decision was communicated to the applicant. The appeal application shall be addressed to the Minister explaining the grounds for injustice to the appellant. The Minister shall provide a response to the appellant within a period not exceeding thirty (30) days from the date of the appeal receipt. Article 17: Closing the activities of a private health facility To close the activities of a private health facility, an application letter shall be addressed to the Minister indicating the reason for closure. The application letter shall indicate the following: 1°. A letter showing that the District authorities where facility operates from have been informed;	Article 15 : Période pour délivrer une licence d'exploitation Une licence d'exploitation est délivrée dans une période ne dépassant pas trente (30) jours ouvrables à partir de la date d'inspection. Article 16 : Appel contre une décision Le demandeur d'une licence d'exploitation a droit de formuler appel contre une décision prise à son égard dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir de la date de prise de la décision. Une lettre d'appel est adressée au Ministre avec explications des motifs d'injustice pour la personne qui a formulé l'appel. Le Ministre répond à l'appel dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à partir de la réception de l'appel. Article 17 : Fermeture des activités d'un établissement de santé privé La personne qui demande la fermeture des activités d'un établissement de santé privé adresse sa demande au Ministre en indiquant la raison. La lettre de demande de fermeture des activités d'un établissement de santé privé indique ce qui suit : 1°. le District où il est localisé a été informé ;
---	---	--

2°. gushyikiriza Ministeri dosiye z'abarwayi afite; 3°. kugaragaza uko imyanda yo mu buvuzi, imiti n'ibikoresho bitagikoreshewa bicungwa; 4°. gusubiza uruhushya rw'umwimerere rwo gukora yahawe. Ministiri asubiza mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) yakazi uhereye ku munsu yakiriyeho ubusabe. Icyakora, ikigo cy'ubuvuzi cyasabye guhagarika imirimo gikomeza gutanga serivisi z'ubuvuzi mu gihe kitarabona igisubizo cya Ministeri.	2°. confirmation that all patient files have been submitted to the Ministry; 3°. a report indicating how the medical waste, medication and tools were managed/disposed; 4°. Return the original license he/she was given; The Minister shall provide a response within a period not exceeding sixty (60) working days from the date of receiving the application. While waiting for clearance from the Minister, the private health facility shall continue providing its licensed health care services to the public.	2°. présenter au Ministère les dossiers des malades en cours de traitement; 3°. indiquer comment les déchets médicaux, les médicaments et les instruments sont gérés ; 4°. remettre la licence d'exploitation originale lui délivrée. Le Ministre donne une réponse dans un délai de soixante (60) jours ouvrables à partir de la date de réception de la demande. Toutefois, l'établissement de santé privé poursuit les services de santé en attendant la réponse du Ministère.
<u>Ingingo ya 18: Amasezerano yo kunoza ireme rya serivisi</u> Ikigo cy'ubuvuzi kigirana amasezerano y'ubufatanye na Ministeri agamije kunoza ireme rya serivisi z'ubuvuzi. Aya masezerano ashyizwaho umukono mu gihe kimwe n'uruhushya rwo gukora, akagira igihe kingana n'icy'uruhushya rwo gukora. <u>UMUTWE WA III: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI N'IBIHANO</u> <u>Article 19 : Ibyiciro by'amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano</u> Bitabangamiye uburyozwe mbonezamubano cyangwa nshinjabyaha bw'ibikorwa yakozwe cyangwa atakoze yagombaga gukora, ikigo	<u>Article 18: Quality services agreement</u> A private health facility signs a quality services agreement with the Ministry for the purpose of improving the health service. Such agreement is signed at the same time with the license and its validity is equal to the validity of the licence. <u>CHAPTER III: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS</u> <u>Article 19: categories of Administrative Faults and Sanctions</u> Without prejudice to civil or criminal liability for acts or omissions, a private health facility may	<u>Article 18: Convention de prestations de qualité</u> Un établissement de santé privé conclut une convention de prestations de qualité avec le Ministère dans l'objectif d'améliorer les services de santé. Le dit contrat est signé en même temps que la licence d'exploitation et sa validité correspond à celle de la licence d'exploitation. <u>CHAPITRE III: LES FAUTES ET LES SANCTIONS ADMINISTRATIVES</u> <u>Article 19: catégories de fautes et les sanctions administratives</u> Sans préjudice de la responsabilité civile ou pénale pour les actes accomplis ou omis, un établissement

cy'ubuvuzi kigenga gishobora gufatirwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bikurikira:	be sanctioned with the following administrative sanctions:	privé peut être sanctionné des sanctions administratives suivantes :
1°. kwihanangirizwa; 2°. Guhagarika by'agateganyo ikigo cy'ubuvuzi kuva ku kwezi kumwe kugeza ku mezi atandatu;	1°. warning; 2°. suspension of a health facility for period of one (1) to six (6) months;	1°. l'avertissement ; 2°. la suspension d'une formation sanitaire privée pour une période d'un (1) à six (6) mois ;
<u>Article 20: Uburangare n'amakosa y'umwuga.</u> Amategako n'amabwiriza bireba akurikizwa mugihe habaye uburangare n'amakosa y'umwuga.	<u>Article 20: Professional faults and sanctions</u> Relevant laws and regulations shall apply in the case of negligence and malpractices	<u>Article 20: Fautes Professionnelles et Sanctions</u> Les lois et règlements pertinents s'appliquent en cas de négligence et de faute professionnelle
<u>Ingingo ya 21: Kwihanangirizwa</u> Amakosa avugwa muri iyi ngingo akozwe n'ikigo cy'ubuvuzi kigenga ahanishwa ibihano byo kwihanangirizwa :	<u>Article 21: Warning</u> The following acts committed by a private healthcare facility are sanctioned by warning:	<u>Article 21: Avertissement</u> Les fautes reprises dans cet article lorsqu'elles sont commises par une formation sanitaire privée sont sanctionnées par un avertissement :
1°. Kutagira ifishi y'umurwayi, kutuzuza neza amakuru mu ifishi y'umurwayi ndetse no kutayabika neza; 2°. Kudatanga raporo y'amakuru ku ngaruka z'imiti yatanze n'amakosa y'imitangirire yayo; 3°. Kuba hari umwanda mu ivuriro harimo no kutagira uburyo bukoze bwo kujugunya imyanda ndetse no kutubahiriza amabwiriza yo gukumira no kwirinda indwara;	1°. Absence of patient file, incomplete file and lack of proper filing of information of file's patient and its archive; 2°. Failure to report information on adverse effects of administered medication, and medication errors; 3°. Poor hygiene and sanitation including but not limited to poor waste management or failure to observe infection prevention and control policy and procedures;	1°. Absence de dossier médical du patient, dossier incomplet ou mauvaise tenue de la documentation et archive; 2°. Ne pas reporter les informations sur les effets secondaires des médicaments administrés et les erreurs de médicaments ; 3°. Mauvaises conditions d'hygiène et assainissement au sein de la formation sanitaire incluant mais non limité à la mauvaise gestion de déchets ainsi que l'absence de politique et de procédures sur la prévention des infections ;

4°. Imvoborere itanoze irimo no kutagira imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ndetse n'imirungire y'abakozi itanoze;	4°. Poor governance with absence of an organizational structure and lack of procedure for proper human resources management;	4°. Mauvaise gouvernance caractérisée entre autres par l'absence de structure organisationnelle et le manque de procédures de gestion des ressources humaines ;
5°. Kudatanga Ministeri abakozi bashya bavura binjye mu kazi hamwe n'impinduka mu bayobozi bakuru bivurira;	5°. Failure to notify to the Ministry of new health professionals hired by the health facility, and change of senior managers;	5°. Ne pas informer le Ministère à propos de nouveaux professionnels de santé recrutés ainsi que les changements des hauts cadres gestionnaires ;
6°. Kugira imiti n'ibindi bikoresho byo kwa muganga byarangije igihe muri imwe mu mashami y'ivurira.	6°. Presence of expired drugs, consumables, and reagents in one service of the health facility.	6°. Présence des médicaments et les consommables expirés dans un service au sein de l'établissement de Santé ;
7°. Guhindura umuyobozi w'ikigo cy'ubuvuzi bitamenyeshjwe Ministeri;	7°. changing of in charge of clinical activities without prior authorization of the Minister	7°. Non déclaration sur le changement du Directeur responsable d'une l'établissement de Santé privée;
8°. Kudatanga amakuru y'ibyago byabaye mu ivurira bikimara kuba kandi biri mu makuru agomba gutangwa;	8°. Failure to report mandatory medical incidents after their occurrence;	8°. Ne pas reporter dans l'immédiat sur l'incident médical survenu dans une formation sanitaire privée ;
9°. Kutagira ibikoresho byo kurinda no gukumira impanuka y'umuriro;	9°. Lack of fire prevention and control equipment;	9°. Ne pas prendre les précautions de prévention et de contrôle d'incendie ;
10°. Kudatanga raporo mu muyoboro w'ikorabuhanga ushyirwaho na Ministeri;	10°. Failure to report data in the Health Management Information System platform;	10°. Ne pas reporter des données dans le système de HMIS établi par le Ministère ;
11°. Gukora ibikorwa byo kwamamaza ibikorwa by'ubuvuzi bigenzurwa cyangwa imiti, nta ruhushya rutanzwe na Ministeri;	11°. Advertising regulated health services or medicinal products without prior authorization of the Ministry;	11°. Faire la publicité des services de santé contrôlés ou médicaux sans autorisation du Ministère ;
12°. Gukoresha abakozi bafite uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuvuzi rwarangije igihe;	12°. Employing health professional with an expired license;	12°. Employant un professionnel de la santé avec une licence expirée ;

13°. Ikigo cy'ubuvuzi gikora gite uruhushya nwarangije igihe; 14°. Kwimura aho ikigo cy'ubuvuzi gikorerera nta ruhushya rwa Minisitiri.	13°. A health facility that operates with an expired license; 14°. Relocation of private health facility without authorization of the Minister.	13°. Un établissement qui opère avec une licence expirée; 14°. Déménagement d'un établissement de santé privé sans autorisation du Ministre.
Lugingo ya 22: Guhagarikwa by'agateganyo kw'ikigo cy'ubuvuzi Amakosa avugwa muri iyi ngingo akozwe n'ikigo cy'ubuvuzi kigenga ahanishwa ibihano byo guhagarikwa by'agateganyo kuva ku kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atandatu (6): 1°. Gukoresha umukozi udafite uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuvuzi; 2°. Gutanga serivisi zitemewe gutangirwa mu kigo cy'ubuvuzi; 3°. Ibikorwa by'uburiganya bigamije kwiba ibigo by'ubwishingizi; 4°. Serivisi yatanze n' umukozi utabifitiye ububasha.	Article 22: Suspension of a healthcare facility Faults referred to in this article by the Private health facility shall be punishable by a suspension of license to practice from one (1) to six (6) months: 1°. Employing health professional without a license to practice 2°. Provision of services not approved by Ministry; 3°. Fraudulent acts aiming at illegal benefits from institutions having insurance in their attributions; 4°. The clinical services provided by an unauthorized employee.	Article 22: Fermeture temporaire d'un établissement de Santé Les fautes visées au présent article par l'établissement de santé privé sont punies d'une suspension du permis d'exploitation d'un (1) à six (6) mois : 1°. Employant un professionnel de la santé sans licence d'exercer la profession ; 2°. Pratiquer en dehors du paquet d'activités de la licence ; 3°. Actes frauduleux pour se procurer les avantages illicégaux auprès des institutions ayant les assurances dans leur attributions ; 4°. le service fourni par un employé non autorisé ;

<u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo 23: Iwanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza</u>	<u>Article 23: Repealing provision</u>	<u>Article 23: Disposition abrogatoire</u>
Ingingo zose z'amabwiriza ziyabanziriza kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.	All prior provisions contrary to these instructions are repealed.	Toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.
<u>Ingingo ya 24: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</u>	<u>Article 24: Commencement</u>	<u>Article 24: Entrée en vigueur</u>
Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu ashyirweho umukono.	These Ministerial instructions come into force on the date of their signature.	Ces instructions entrent en vigueur à la date de leur signature.
Kigali on <u>14/01/2022</u>   Dr. NGAMIYE MADANDI DARENGE Minisitiri w'ubuzima Minister of Health Ministre de la Santé		

IMIGEREKA KU MABWIRIZA YA MINISTIRI N° *20602* YO KU WA.....*11 OCT 2022*.....AGENA IBIPIMO
NGENDERWAHO N'IBISABWA KUGIRANGO IKIGO CY'UBUVUZI CY'ABIKORERA GITANGIRE GUKORA
UMUGEREKA WA 1. IBIPIMO NGENDERWAHO MU KWEMERERA IKIGO CY'UBUVUZI GUKORA

Ibice by'ibanze	Ibice bihuriweho
1. Inyubako n'imiterere y'ikigo	5. Gukumira no kugenzura indwara
2. Abakozi	6. Kuzamura ireme
3. Serivisi z'ubuvuzi	7. Imiyobore n'amategeko
4. Ibikoresho	
n'ibigemurwa	

Ibipimo ngenderwaho by'ibanze mu kwemerera ikigo cy'ubuvuzi gukora

Ibipimo ngenderwaho by'ibanze mu kwemerera ikigo cy'ubuvuzi gukora ni inkingi enye z'ikigo cy'ubuvuzi. Ibyo bipimo bishingiye ku nyubako n'imiterere y'ikigo, imicingire y'abakozi bazatanga serivisi, ibikoresho n'ibigemurwa bizakoresheha mu gusuzuma no kuvura abarwayi na serivisi z'ubuvuzi zizatangwa.

1. Inyubako n'imiterere y'ikigo (CD)

Ibipimo ngenderwaho byo kwemerera biyanye n'inyubako n'imiterere y'ikigo bifasha kumenya niba imyubakire ikurikije ibisabwa byo mu rwego rw'amategeko n'ubuhanga mu myubakire ku biyanye n'inyubako z'ikigo, kandi izo nyubako zikaba zizewe zizakomeza zikomeze. Ibyo bipimo byashyirahamwe n'ubuhanga mu myubakire ku biyanye n'inyubako z'ikigo, kandi izo nyubako zikaba zizewe zizakomeza zikomeze.



2. Abakozi (HR)

Ibipimo ngenderwaho bijyanye n'abakozi bifasha kumenya niba nyir'iki ngo cyangwa umuhagarariye bafite amashuri n'ubunararibonye mu buvuzi/buyobozi bisabwa mu gucunga iki ngo. Ibyo bipimo bigamije kumenya niba abakozi b'iki ngo bafite amashuri asabwa, ubunararibonye n'ibyemezo, kandi niba hari umubare uhagije w'abakozi kuri buri cyiciro cy'abakozi bagomba gutanga serivisi mu kigo.

3. Serivisi z'ubuvuzi (CS)

Ibipimo ngenderwaho bijyanye na serivisi z'ubuvuzi bifasha kumenya ibijyanye n'ubwoko bwa serivisi z'ubuvuzi zihatangirwa, uko abarwayi bahabwa ibitaro, basezererwa/boherezwa ahandi (iyo bishoboka), amabwiriza agenderwaho mu kuvura abarwayi n'umucungire y'amadosiye y'abarwayi. Iki gashyamba ni ukwitegura gucunga neza no kohereza abarwayi ahandi baba baje gusaba serivisi no gukoresha neza umutungo. Ku birebana n'ibitaro na kilinike byihariye, hashobora kubaho ibipimo by'inyongera.

4. Ibikoresho n'ibigemurwa (ES)

Ibipimo ngenderwaho byo kwemererwa bijyanye n'ibikoresho n'ibigemurwa bikubiyemo ibisabwa by'ibanze ku bwoko n'umubare by'ibikoresho n'ibigemurwa harimo laboratwari, ubuhanga bwo gucisha mu cyuma n'ububiko bw'imiti. Byongeye, hazabwaho niba hakenewe sisitemu z'ikoranabuhanga muri icyo mucungire, urugero: ikoranabuhanga mu mucungire y'ububiko

Ibipimo ngenderwaho byo kwemererwa bihuriweho

Buri cyiciro mu bipimo by'ibanze byo kwemererwa gifite ibipimo bihuriweho bijyanye no kwirinda no gukumira indwara, kuzamura ireme n'ibisabwa byo mu rwego rw'amategekako.

5. Gukumira no kugenzura indwara (IPC)



Ibipimo ngenderwaho mu biyanye no gukumira no kugenzura indwara bifasha mu kumenya uko hakemurwa ibibazo mu kurinda abarwayi, abakozi, abagana ikigo cyangwa abantu mu murango kwandura no gukwirakwiza indwara. Ibishobora gukurura indwara harimo umwuka, ibiryo cyangwa amazi yanduye, ibikoresho n'ibigemurwa, cyangwa gukoranaho umuntu ku wundi. Ibibazo biyanye no kugira ikibanza gikwiye, ibikoresho n'uburyo bwo gusukura ibikoresho, kubivanaho imyanda, kubiteka, kubibika no kubishyingura hamwe n'uburyo, ubushobozi bwo gukaraba intoki ku barwayi bakorana no gukoresha ubwihereho.

6. Kuzamura ireme n'umutekano w'abarwayi (QIS)

Ibipimo ngenderwaho byo kwemerera biyanye no kuzamura ireme n'umutekano w'abarwayi bifasha kumenya niba hari gahunda yo kuzamura ireme n'umutekano w'abarwayi yagaragaye ibipimo byagenderwaho mu kwita no kuzamura ireme n'umutekano w'abarwayi mu gihe cyo kwemerera.

7. Ibisabwa byo mu rwego rw'ubuyobozi n'amategeko (ALR)

Ibipimo ngenderwaho ku bisabwa byo mu rwego rw'ubuyobozi n'amategeko bifasha kumenya niba urwego rw'ubuyobozi rwarashyizweho kandi inshingano zikaba zaragaragaye. Ibibazo bikubiyemo igenamigambi ry'imikorere n'ibyandikwamo bigomba kuba bihari n'uburenganzira bw'abarwayi bukaragarazwa.

Mbere yo gutangiza ikigo ni ngombwa ko haba hari politiki n'uburyo by'imikorere, ibizafasha mu kazi n'uko akazi kazajya gakorwa. Hagomba kandi gutegurwa inyandiko za ngombwa zifasha abakozi mu gutanga ubuvuzi na serivisi harimo amategeko n'amabwiriza ku nyubako n'imiterere y'ikigo, imitungire y'abakozi, serivisi z'ubuvuzi kinwe n'ibikoresho n'ibigemurwa harimo imiti.

Ibipimo ngenderwaho biyanye n'umutekano hamwe n'umutuzo w'abarwayi, abakozi n'abagana ikigo bifasha kumenya niba urujya n'uruka rw'abarwayi rwariwaho. Byongeye kandi ni ngombwa kwita ku mutekano n'umutuzo w'abakozi bakora mu kigo: abagabo n'abagore bakuze n'abana bagana ikigo n'abandi harimo abagemura ibintu n'abatanga serivisi. Ibi bipimo bireba kandi ibigemurwa n'umutuzo w'amakuru, ibikoresho, ibigemurwa n'ikigo ubwacyo.



Ibipimo ngenderwaho n'ibishingirwaho mu kwemerera ikigo: Ibipimo ngenderwaho by'ibanze byashyizwe mu ibara

N°	Inyubako n'imiterere y'ikigo	Abakozi	Serivisi z'ubuvuzi	Ibikoresho n'ibigemurwa	Gukumira no kugenzura indwara	Kuzamura ireme	Ibisabwa byo mu rwego rw'ubuyobozi n'amategeko
1	Ahantu hatekanye	Amadosiye y'abakozi	Imyirondoro y'abarwayi	Imicungire y'ububiko	Gahunda yo gukumira no kwirinda indwara	Ibigaragaza ireme	Icyemezo cyo kwandikisha sosiye
2	Umutekano w'umuriro	Impamyabume nyi z'abakozi	Dosiye zivurirwaho abarwayi	Ibikoresho n'ibigemurwa	Ahantu hafite isuku	Gahunda yo kwakira abakiliya	Ibitabo by'igenamigambi ry'imikorere
3	Aho abantu bategerereza	Abakozi bahagije	Ibishingirwaho mu gushyira abarwayi mu bitaro no kubasezerera	Ibikoresho n'ibigemurwa by'ashyirwa indembe	Uburyo bwo kurinda ibikoresho imyanda no kubiteka	Uburyo bwo kwakira ibibazo	Intego, icyerekezo n'indangagaciro



4	Ubwiherezo	Inshingano z'umukozi	Imirongo ngenderwaho/a mabwiriza yo kuvura	Gucunga imiti	Ibikoresho birinda abakozi	Kugaragaza amakosa ya kiganga	Uburenganzira bw'umuryi
5	Ibimenyetso bimenyesha	Imicungire y'isuzumabush obozi	Gutwara indenbe	Umutekano w'imiti	Aho bakarabira		Ibiciro bigaragazwa
6	Ubuzima bwite	Kugenzura abantu mbere yo kubaha akazi	Laboratwari	Ibikoresho n'ibigemurwa by'ahavurirwa abana	Isuku y'intoki		Inyandiko y'imicungire rusange
7	Uko abarwayi bagera aho bajya n'urujya n'uraza rwabo	Imyanbarire	Ibikoresho byo gupima abantu	Ahantu, ibikoresho n'ibigemurwa mu guteka ibikoresho	Imyenda ifite isuku		Gahunda y'umutekano
8	Amazi meza			Kwita ku bikoresho	Imicungire y'inyanda yo kwa muganga		
9	Amashanyarazi aboraho				Ingamba zo gushyira mu kato		



Ibipimo ngenderwaho by'ibanze n'ibiburiweho byo kwemerera ikigo cy'ubuvuzi gukora

Urubande rwa mbere mu gutanga amanota rwerekana ibipimo ngenderwaho, urwa kabiri rwekana uko ibipimo bigenzurwa naho urwa gatanu rwerekana ibyo umugenzuzi yitaho mu gutanga amanota ku bipimo. Ibiringwaho amanota birahari (M), ntahari (NM) cyangwa ntikireba ikigo (NA), Igihe igipimo kiba kitareba ikigo ni icyo hari serivisi idatangwa n'ikigo, umugero: ibikoresho byo gupima abantu.

1. Inyubako n'imiterere y'ikigo (CD)

Igipimo ngenderwaho	Uburyo bw'igenzura	Ibyitabwaho	Amanota: M, NM, cyangwa NA
CD1: Ikigo kiratekanye ku barwayi, abakozi n'abakigana.	CD1a. Inyandiko igaragaza ko ikigo cyujuye ibisabwa ku nyubako byashyizweho n'Umujyi wa Kigali/ushinzwe ubuzima mu karere cyangwa undi muyobozi bireba	CD1a. Kureba niba ikigo cyarahawe ibyangombwa kandi kikemererwa kubaka, ibikoresho cyangwa aho basohokera mu gihe cy'impanuka hafunze,	
	CD1b. Kureba niba mu kigo hatekanye	CD2b. Kureba ko nta bisenge bhitisha amazi, ibikoresho bitwara amazi, umutekano, ibintu bifite ubumara bibitse neza, uburyo umwuka winjira	



		imbere no hanze y'inubako.	
CD2. Gahunda y'umutekano w'umwiro iranditse kandi ibintu byose bitahari mu kuyubahiriza	CD2a. Gahunda y'umutekano w'umwiro iba yanditse hagamiye kwereka abakozi uko babyitwaramo habaye inkongi	CD2a. Gahunda y'umutekano w'umwiro yarateguwe kandi isesengurwa n'urwego rushinzwe ibijyanye n'umwiro (cyangwa umundi rwego rubishinzwe) ikaba ijyanye n'ikigo kandi ikubiyemo ibi bikurikira: a. Abakozi bose bazi iyo gahunda b. Kwirinda inkongi c. Gutabura mbere ibibazo byatera inkongi (urugero: hifashishijwe ibyuma bitahura umwotsi cyangwa igenzura rihoraho) d. Kubimenyesha abantu (urugero: hifashishijwe icyuma gitabaza mu buyo bw'ikorabubanga cyangwa hakoreshejwe intoki cyangwa kwifashisha amafirimbi) e. Kurwanya inkongi (urugero: hifashishijwe ibyuma bizimya umwiro na/cyangwa kizimyamoto zikora) f. Imiryango yo gusohokera yizewe ku	



		CD2b. Kugenzura abari ibyuma bizimya umuriro, kizimyamoto n'ibimenyetso by'aho basohokera no kumenya ko bikora	CD2b. Ibikoresho by'umuriro bihagije (ibyuma bizimya umuriro, ibyuma birimo amazi, ibikoresho byohereza amazi n'ibimenyetso byerekana aho basokera) birahari kandi birakora.	
		Icyitonderwa: Niba ikigo cy'ubuvuzi kiri mu nyubako ibarizwamo ibindi bikorwa, gahunda yo kwirinda inkongi igomba kwita ku buryo abantu bari mu kigo cyabo cy'ubuvuzi bazashoka mu nyubako		
CD3. icyumba abantu bicaramo bategereje guhabwa serivisi kirahari	CD3a. Kugenzura niba hari ahantu handitse "aho gutegereza".	CD3a. Ibimenyetso byerekana aho bategereza birimo ahajya abarwayi bari mu bitaro, ahajya abarwayi bivuzwa bataha, igice cy'indembe, aho babagira, ahajya abarwayi bakeneye ubuvuzi bwihuse, uko bishoboka.	CD3b. Aho abantu bicara hameze nk'uko byateganiye muri gahunda yo kubaka/kuvugurura	



	bategerereza iterwa na serivisi z'ubuvuzi zitanze n'ikigo)		
CD4. Ubwiherezo buhagije ku barwayi, abakozi, ababana n'ubumuna n'abagana ikigo burahari kandi burangwa n'ikimenyetso cyangwa igishushanyo kigaragara	CD4a. Kugenzura niba hari ubwiherezo butandukanye ku bakozi CD4b. Kugenzura niba hari ubwiherezo butandukanye ku barwayi n'abagana ikigo CD4c. Ibimenyetso bimenyerewe birakoresheye mu kuranga ubwiherezo bw'abarwayi/abagana ikigo CD4d. Kugenzura niba ubwiherezo bushya ababana n'ubumuna CD4e. Ubwiherezo 1/umusanze 1 birahari ku barwayi/abagana kilinike n'ubwiherezo 1 ku barwayi 20 bari mu kigo, kandi bufitse aho bakarabira.	CD4a-b. Ubwiherezo bufitse uburyo bwo kwinjiza amazi (gusunka ibyuma byabugenewe cyangwa indobo/amazi) a. Buri bwiherezo bufitse urupapuro rw'isuku rukwiye, urukarabiro, icyuma gisukwamo isabune, impapuro zo guhanagura intoki cyangwa icyuma cyumutse intoki) b. Buri bwiherezo umuntu abujyamo yisanzuye ubwe. c. Ibimenyetso biranga ubwiherezo biri ku nzugi. CD4d. Kuhagera biyanye no: a. Kuba imirango ari mimi ku buryo intebe icungwa y'ufite ubumuna (82 cm) yanyuramo kandi ifite umwanya uhagije wo kwifunga (urugero: 1500mm). b. Ubwiherezo bw'abarwayi bufitse ibyo gufataho.	



		c. Robine z'amazi ziragaragara kandi zigerwaho mu buryo bworoshye n'umuntu uri mu ntebe icungwa.	
CD5. Ibimenyetso mu nyubako biraboneka neza kandi birumvikana ku bantu benshi.	CD5a. Kugenzura niba hari ibimenyetso byerekana aho abantu binjirira na serivisi zitangwa. CD5b. Kugenzura niba ku miryango yose n'abantu hose hari ibimenyetso cyangwa ibishushanyo bigaragara. CD5c. Kugenzura niba ibimenyetso byanditse nibura muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegesi no mu Kinyarwanda kandi hakoreshewa ibishushanyo bimenyerewe n'abagana iki gigo.	CD5a-c. Iki gigo gifite: - Ibimenyetso byo hanze bifasha abantu batahamenyereye kumenya aho binjirira na serivisi zihatangirwa. - Ahavurirwa indembe hagaragazwa ku buryo bukwiye. - Aho abakozi n'abagana iki gigo baparika imodoka kinwe n'ahavurirwa indembe hariho ibimenyetso biboneka - Ibimenyetso by'imbere mu kigo harimo izina ry'iki gigo na serivisi zihatangirwa. - Ibimenyetso by'imbere mu kigo bisomeka neza, kandi bigaragara bigaragaza amazina n'ibyerekemo byerekana ahatangirwa serivisi na serivisi zihatangirwa. - Ibimenyetso byanditse mu Kinyarwanda n'igifaransa na/cyangwa icyongereza.	
CD6. Ubuzima bwite	CD6a. Kugenzura niba abarwayi batanga amakuru abareba nta bandi	CD6a. Ni ngombwa ko hashyirwaho uburyo bwo kubungabunga ubuzima bwite bw'abarwayi igihe	



bw'abarwayi mu byo bavuye n'ibyo babona burabungabungwa igihe bagaragaza ibibazo byabo by'ibanze n'igihe bavurwa cyangwa bahabwa amakuru aho baba bari	bantu bashobora kubumva (uwakira abagana ikiho, umubitsi w'amafaranga, utanga gahunda, abasuzuma ibizamini, abacisha abantu mu cyuma n'abakora mu bubiko bw'imiti)	bandikwa mu bitabo, bishyura, bahabwa gahunda, bafata imiti.	
	CD6b. Kugenzura niba ahasuzumirwa n'ahavurirwa abarwayi hatuma baba bisanzuye ku buryo nta bandi babereba cyangwa ngo babumve	CD6b. Aho buri murwayi avurirwa ntabangamira ubuzima bwe bwite ku buryo atabonwa n'abandi barwayi cyangwa abandi bagana ikiho: - Ibyumba bisuzumirwamo/bivurirwamo bifite amarido. - Hari indorerwamo zifashishwa n'abarwayi bikuramo imyenda. - Hari imyenda cyangwa amakanzu by'abarwayi bakuyemo imyenda yabo.	
CD 7. Hari uburyo bwo kugenda mu kigo cy'ubuvuzi ku barwayi bose harimo n'abafite ibibazo byo	CD7a. Kugenzura niba hari umwanya uhagije wabugenewe w'imodoka ku barwayi bafite ibibazo	CD7a. Parikingi y'abafite ubumuga ifite: - Nibura 10% by'umwanya wo guparikamo wagenewe abafite ubumuga, imiryango itandukanye ifite bene uwo mwanya. - Uwo mwanya ufite nibura ubugari bwa metero	



gutambuka	
CD7b. Parikingi n'inzira z'abanyamaguru zifite urumuri. CD7c. Hari intebe zicungwa na/cyangwa asanseri ku byiciro by'ubuvuzi biherereye hejuru CD7d. Hari imihanda irimo kaburimbo ifite isuku igera ku muryango yose (Amabwiriza ya Minisitiri: Ibisabwa bihuriweho n'ibyiciro byose by'ibigo by'ubuvuzi byigenga, Ingingo ya 2.1, 26 Mutarama 2017)	2.5 • Umwanya wo guparikamo urangwa n'ibishushanyo mpuzamahanga bifasha kuhagera, hashyirwaho ibimenyetso cyangwa bishushanyijwe n'irangi hasi kuri sima CD7b. Gabunda yo kumurikira ikigo irahari kandi yeretana ahagomba gushyirwa urumuri, herekanwa buri hantu (urugero: parikingi, imiryango, inzira z'abanyamaguru n'amataru amurika) CD7c. Uburyo bwo guhuza ibice by'inubako mu kuzamuka burahari (hafi 1:20 cyangwa hadahananye). CD7d. Inzira zirimo kaburimbo cyangwa sima ziganisha ku muryango yose. Ibimwe birasibye; birenewe kuba hari ahatareshya.



MINISTRY OF HEALTH



CD8. Isoko iboraho y'amazi meza irahari mu kigo cy'ubuvuzi.	CD8a. Gusesengura ingamba n'uburyo bw'imikorere no kugenzura niba hari uburyo bwo kubika amazi akoreshewa mu kigo	CD8a. Ingamba n'uburyo bw'imicungire y'amazi bikubiyemo: • Amasoko y'amazi akora • Abagemura ibintu • Kuba amazi yo kunywa ahari • Uburyo bwashyizweho bwo kugemurirwa amazi yo kunywa mu buryo bwihuse bibaye ngombwa • Kugenzura ubwiza bwayo no kuyasukura CD8b. Kugenzura ibi bikurikira: • Amazi yo kunywa asukurwa hakoreshejewe imiti yo kuyasukura yabugenewe. • Hari ibyuma byifashishwa mu gusuka amazi bifite robine bikoreshewa n'abarwayi abo abarwayi bavurirwa hose. • Amazi arindwa kwandura (ahora apfundikiwe neza) • Hari ibigemurwa bihagije (imiti isukura, ibitembo by'amazi, amazi) • Hari ubundi buryo bwo kubona amazi iyo
---	---	--



		bibaye ngombwa (urugero: ibigege by'amazi)	
CD 9. Ibintanga amashanyarazi mu kigo birahari	CD9a. Hari uburyo bwo gucunga amashanyarazi n'ubundi buryo bwifashishwa bwo gutanga amashanyarazi butuma amashanyarazi igihe cyose aba ahari	CD9a. Hari gahunda y'imicungire y'umuriro igaragaza uburyo bukorashwa mu gutuma umuriro w'amashanyarazi uboneka mu buryo bwihuse bibaye ngombwa. • Hari igishushanyo mbonera kigaragaza aho umuriro uturuka, aho bahera bawusaranganya, serivisi zo kuwitaho, n'imashini zitabazwa mu gihe byihutirwa. • Muri gahunda hagaragajwe ahantu hakenewe n'ibikoreshe bikenewe byo kubika umuriro, urugero: ahatangirwa serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa, ibyuma bihungiza, iyo bishoboka. • Ahandi hantu hashobora guturuka umuriro, urugero: imashini itanga umuriro.	

2. Abakozi (HR)

Ibipimo ngenderwaho	Uburyo bw'igenzura	Ibyitabwaho	Amanota: M, NM, cyangwa NA
HR1. Uburyo bwo kubika amadosiye y'abakozi bwashyizweho.	HR1a. Ingamba n'uburyo bw'imikoreye bijyanye n'amadosiye y'abakozi birahari.	HR1a. Ingamba n'uburyo bw'imikoreye bigaragaza ibikubiye mu madosiye y'abakozi n'uburyo bwo kuyabika, hakubiyemo umutekano w'amadosiye.	
	HR1b. Amadosiye y'abakozi abitswe mu buryo bubonye.	HR1b. Amadosiye yarakozwe kandi agaragaza ibi bikurikira: a. Amakuru areba umukozi harimo indangamuntu, aho abarizwa, telefoni n'amakuru areba umuntu wakwiyambazwa byihuse b. Imiterere y'akazi c. Incamake y'ibyo umuntu yize, yanakoze, iyo bishoboka d. Impamyabumenyi/Impamyabushobozi e. Ibyemezo by'akazi bigifite agaciro, iyo ari ngombwa f. Ibyemezo by'abantu bannuzi g. Amasezerano y'akazi hagati y'umukozi	



HR2. Abakozi bafite impamya bumenyi zemewe zo gukora imirimo yabo n'ishingano zabo.	HR1c. Amadosiye y'abakozi ashyinguye mu tubati tumaze neza.	h. Ibindi bisabwa hakurikiye akazi n'umwanya. HR1c. Kugenzura niba utubati turimo amadosiye y'abakozi dushobora gufungwa no kumenya umuntu ushobora kubika urufunguzo rwatwo.	
HR2a. Imiterere y'akazi iranditse kuri buri mwanya w'akazi mu kigo	HR2b. Hari inyandiko igaragaza imiterere y'akazi yerekana ko abakozi bafite impamya bumenyi zijyanye n'imiterere y'akazi kandi bafite ibyemezo by'akazi bigifite agaciro iyo bisabwa.	HR2a-b. Inganba zikurikizwa zerekana ko imiterere y'akazi ishingiyeye nibura kuri ibi bikurikira: - Amashuri, amahugurwa n'ubunararibonye bisabwa - Uburyo bwo gutangamo raporo (uwo bashyikiriza raporo) - Akazi n'ishingano - Amasezerano y'akazi Ibisobanuro ku buryo bwo kwemeza ko abakozi bafite	



		ibyemezo bigifite agaciro	
HR3. Hari umubare uhagije w'abakozi bafite impanyabumenyi zisabwa mu kuvura abarwayi no gutanga serivisi	HR3a. Hari gahunda yanditse ijyanye n'abakozi yerekana ibikenewe bishingiye ku mimito iteganiye.	HR3a. Ikigo gifite gahunda y'abakozi ikubiyemo umubare n'ibyiciro by'abakozi bikenewe uko bagenda basimburana mu kazi. - Iyo hatari abakozi bakenewe, hashyizweho ingamba n'uburyo bw'imikorere byerekana ibikorwa biteganiye, urugero: gubindurira abakozi inshingano, abakozi b'izamu - Gahunda y'abakozi ishingiyeye ku ngano y'imirimu, urugero: umuforomo ku jyanisha cyangwa umubare w'inshuro zo kubonana n'umurwayi, umubare w'ibizamini byakozwe, umubare w'ibyumba bigomba gusukurwa.	
HR4. Abakozi bazi icyerekezo cy'ikigo, bazi imirimo n'inshingano byabo.	HR4a. Hari gahunda yo gufasha abakozi bashya kumenya icyerekezo cy'ikigo n'abagiye mu mrimo mishya gukora akazi kabo	HR4a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere bwerekana ibyo abakozi bashya, abahinduriwe inshingano, abakorerabushake n'abakorera ku masezerano bategerejweho bijyanye n'icyerekezo cy'ikigo. Gahunda rusange y'icyerekezo cy'ikigo ikubiyemo ireme ry'ikigo, ingamba n'uburyo	



		bw'imikorere biyanye n'umutekano. Gahunda y'icyerekezo yihariye ku mirimo yarateguwe kuri buri mwanya w'akazi mu ishamba/serivisi	
	HR4b. Hari urutonde rw'ingingo rusange, iziyanye n'ishamba ry'akazi n'imirimu yihariye zerekana icyerekezo cy'imirimu kuri buri mukazi.	HR4b. Gusuzuma urutonde rw'ingingo zitabwaho nibura ku myanya y'akazi 3 iteganiye mu kigo.	
HR5. Hashyizweho uburyo bw'isuzumabushobozi ry'abakozi.	HR5a. Hari ingamba n'uburyo by'isuzumabushobozi ry'abakozi	HR5a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere byerekana ko: - Isuzumabushobozi ry'abakozi riyanze n'imiterere y'akazi - Hari intego z'akazi kuri buri mukazi - Hari icyo abakozi babivugaho - Hari gahunda y'igenabikorwa yateguwe.	
	HR5b. Hari ibikoreshe byifashishwa mu isuzumabushobozi ry'abakozi	HR5b. Inyandiko ikubiyemo ibyiciro by'imirimu bagamijwe gutanga amakuru aribwaho ku bimaze kuvugwa.	



HR6. Abakozi bose b'ikigo cy'ubuvuzi babanza gusuzumwa ku mubiri no mu buzima bwo mu mutwe hagamijwe kumenya niba bashoboye akazi.	HR6a Hari ingamba n'uburyo bw'imikorere bwo kubanza gusuzuma abakozi ku mubiri no mu buzima bwo mu mutwe hagamijwe kumenya niba bashoboye akazi mu kigo cy'ubuvuzi.	HR6a. Gusuzuma ingamba n'uburyo bw'imikorere byerekana ko isuzuma ku mubiri no mu buzima bwo mu mutwe risabwa, kandi ko rizakorera mu kigo cyemejwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha watoranijwe n'umukoresha.	
HR7. Abakozi bashyira mu bikorwa amabwiriza ajyanye n'inyambarire mu kazi	HR7a. Amabwiriza ajyanye n'inyambarire mu kazi yashyizweho hagamijwe kwereka abagana ikigo isura ya kinyamwuga.	HR7a. Amabwiriza ajyanye n'inyambarire akubiyemo ibirebana n'inyenda, inkweto, kwita ku nzara, imigi, imisatsi n'isuku.	

3. Serivisi z'ubuvuzi (CS)

Igipimo ngenderwaho	Uburyo bw'isuzuma	Ibyitabwaho:	Amanota: M, NM, cyangwa NA
CS1. Hari uburyo bumaze bwo kwandika imyirondoro y'abarwayi.	CS1a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere bijyanye no kwandika imyirondoro y'abarwayi	CS1a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere byarateguwe kandi byerekana uko ibiranga nibura abarwayi babiri bikoreshewa n'igihe bikoreshewa. Muri byo harimo amazina yose, igihe cy'amavuko na numero y'indangamuntu)	
	CS1b. Iyo abana bavukiye mu kigo, hari uburyo busobanura uko bamenyekana.	CS1b. Abana nabo bagomba kugira ibibaranga bibiri. Muri byo harimo igikomo kiraho amazina ya nyina, na numero y'indangamuntu, igipimo cy'ikirenge cyangwa igipimo cy'igikumwe.	
CS2. Hari dosiye y'umurwayi dosiye y'umurwayi kuri buri murwayi wasuzumirwe mu kigo kandi wahavuriwe (abarwayi	CS2a. Hari ingamba n'uburyo bw'imikorere bijyanye n'imicungire, ishyingiraho, ibyandikwa, ibitererakanya n'umutekano bireba dosiye y'umurwayi.	CS2a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere bikubiyemo: - Gutondeka no kwandika dosiye y'umurwayi - Kugira ibanga ry'ububiko bw'amakuru y'abarwayi	



bahawe ibitanda n'abivuzza bataba)		- Kuzaza dosiye y'umurwayi mbere yo kuyibika - Kubika dosiye y'umurwayi, kuyibona no kumenya aho iri - Gushyigura no gushyanyagaza dosiye y'umurwayi	
CS3. Ibishingirwaho mu guha abarwayi ibitanda no kubandika, kubasezerera no kubohereza ahandi byashyizweho.	CS3a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere mu guha abarwayi ibitanda/kubandika biranditse, harimo ibishingirwaho mu guha abarwayi ibitanda, kubasezerera no kubohereza ahandi.	CS3a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere biyanye no guha abarwayi ibitanda no kubandika biri mu nyandiko: - Guha ibitanda abarwayi bari mu ivuriro n'abakeneye kuvurwa byihutirwa - Guha abarwayi ibitanda no kubasezerera (ku barwayi bari mu ivuriro) - Kwandika abarwayi bivuzza bataba - Ibikoreshe by'ubuvuzi buhoraho - biyanye n'ubuzima bwo mu mutwe - Ibigenderwaho n'uburyo biyanye no kohereza abarwayi ahandi	
CS4. Imirongo ngenderwaho/amabwiriza birimo mu kuvura	CS4a. Imirongo ngenderwaho/amabwiriza mu kuvura bireba abatwaga byashyizwe ahantu	CS4a. Imirongo ngenderwaho, amabwiriza n'ibikorikizwa mu kuvura byaremejwe (biturutse muri Minisiteri y'Ubuguzima cyangwa	



byashyizweho ku bijyanye n'ibisabwa bya mbere 10 biraho	hagaragara mu kigo bishingiye ku bimenyetso biraho.	ku rundi rwego mpuzamahanga ruzwi nk'Ishtami ry'Umuwango w'Abibumbuye ryita ku buzima) hashingiwe ku baturage ikigo giteganywa kuvura.	
	CS4b. Imirongo ngenderwaho/amabwiriza mu kuvura byemejwe n'abakozi bavutira mu kigo. CS4c. Imirongo ngenderwaho/amabwiriza mu kuvura bigomba kuba bizwi n'abakozi bose.	CS4b. Amabwiriza agaragaza imikono n'amatariiki yemerejweho n'abakozi bavura b'ikigo. CS4c. Imirongo ngenderwaho/amabwiriza aboneka mu byiciro by'ubuvuzi by'ibanze.	
CS5. Uburyo bwo gutwara abarwayi mu buryo bwihuse n'uburyo busanzwe ku kindi kigo bwashyizwe mu nyandiko	CS5a. Hari ingamba n'uburyo bw'imikorere bwo gutwara abarwayi ku kindi kigo cy'ubuvuzi ku bakazi bose. CS5b. Iyo gutanga serivisi zo gutwara abarwayi bishingiye ku masezerano, hakorwa amasezerano	CS5a-b. Gusuzuma ingamba n'uburyo bw'imikorere/amasezerano bikubiyemo: - Ibishingirwaho mu mikoreshereze - Abakozi bari mu gikorwa cyo gutwara abarwayi - Isuzumwa ry'abarwayi mbere y'uko babatwara - Guhana amakuru ku kigo cyakira	



	yanditse. CS5c. Igitabo cyandikwamo ibijyanye no gutwara abarwayi kirahari kandi cyandikwamo abarwayi bose boherejwe ahandi. CSR5d. Ifishi yo kohereza abarwayi irahari.	umurwayi • Gushyiraho gahunda y'uko gutwara umurwayi bikorwa • Gukoreshe uburyo bwite mu gutwara umurwayi CS5c. Hari igitabo cyandikwamo abarwayi boherezwa ahandi (imbangukirizgutabara) kirimu: a. Amazina yose n'aho abarwayi boherejwe ahandi babarizwa b. Amazina y'umukozi uvura waherejeje umurwayi c. Amazina n'inkono by'umukozi wemeje ko umurwayi ayanwa ahandi d. Amazina y'umuntu wahamagaye CSR5d. Bimwe mu bikubiye mu nyandiko yandikwaho ibijyanye no kohereza abarwayi ahandi ni ibi bikurikira: • Umwirondoro bwite w'umurwayi	
--	---	--	--

		n'amakuru ajyanye n'aho abarizwa • Isuzumwa rya mbere n'isuzumwa rikorwa igihe umurwayi yoherejwe ahandi • Ubuwuzi • Ibizamini • Imiti	
CS6. Ikigo gifite serivisi za laboratwari zikwiye hakurikiye ibyo abarwayi bakeneye.	CS6a. Ibisobanuro byanditse kuri serivisi za laboratwari zirahari. CS6b. Hari ingamba n'uburyo bw'imikorere byanditse bijyanye no kwegeranya, kugaragaza neza no gutwara ibizamini bya laboratwari. CS6c. Urutonde rw'ibisanzwe byitabwaho, ibijyanye n'igihe bifata n'indangagaciro zigenderwaho byarasobanuwe kandi biri muri serivisi zose z'ubuvuzi.	CS6a-c. Gusuzuma ibisobanuro byanditse kuri serivisi za laboratwari no gusuzuma niba ingamba n'uburyo bw'imikorere byarashyizweho mu kwegeranya, kugaragaza neza no gutwara ibizamini bya laboratwari no gusuzuma niba indangagaciro zigenderwaho zarasobanuwe kandi zigaragara muri serivisi zose z'ubuzima. ICYITONDERWA: Niba hari serivisi za laboratwari, urugero: gusuzuma inkari cyangwa amaraso hifashishijwe igipimo cyabugenewe, ni ngombwa kugenzura uko bikorwa.	



		Niba ibizamini byoherejwe hanze muri laboratwari, ni ngombwa kugenzura uko bikorwa.	
CS7. Hari serivisi zo gucisha nu cyuma abarwayi ku buryo bubanogeze kandi zitangwa mu bwisanzure n'abakozi babifitiye ubushobozi. Kugaragaza ko bidakorwa niba nta serivisi yo gucisha mu cyuma ihari	CS7a. Hari urutonde rugaragaza uburyo bwo gucisha mu cyuma kuri serivisi zitangwa. CS7b. Inamba n'uburyo bw'imikorere bikurikizwa biri mu nyandiko kuri buri serivisi itangwa ku isuzuma ritanga amafoto. CS7c. Hari inyandiko ijyanye n'umutekano w'ingufu zikoreshewa mu gucisha mu cyuma CS7d. Hari inyandiko ijyanye n'igenzura ry'ireme. CS7e. Hari igitabo cyandikwamo abacishijwe mu cyuma	CS7a-d. Gusuzuma inyandiko hagamiywe kumenya niba zuzuzwa buri gihe kandi zitanga amakuru yuzuye. CS7e. Igitabo cyandikwamo kigaragaza umubare, itariki, izina rye n'izina ry'umuryango, igitsina, imyaka, aho abarizwa (Umurenge, akagari n'akarere) ubwoko bw'ikizamini cyo	



	CS7f. Gusuzuma imiterere y'akazi ku bacisha abarwayi mu cyuma.	gucisha mu cyuma cyasabwe, muganga wagisabaye n'insuro byakozwemo CS7f. Imiterere y'akazi kuri buri shami rikora ibijyanye no gucisha mu cyuma yerekana ibisabwa ku myanya y'akazi harimo amashuri, impamyabushobozi n'ubunararibonye busabwa.	
CS8. Hari ingamba, uburyo bw'imikorere n'uburyo bw'imikorere n'amabwiriza bijyanye no kubaga kuri buri cyiciro cy'a serivisi zo kubaga zitangwa Kwerekana ko bidakorwa iyo mu kigo nta serivisi zo kubaga zibatangirwa	CS8a. Ingamba, uburyo bw'imikorere n'amabwiriza bikubiyemo: ibijyanye no gusuzuma umurwayi mbere y'uko abagwa, gukurikirana abarwayi mu gihe cyo kubagwa na raporo y'ibagwa.	CS8a. Hari ingamba, uburyo bw'imikorere n'amabwiriza bijyanye no: - Gusuzuma umurwayi mbere yo kumubaga - Kwandika amakuru aiyanye no gusuzuma umurwayi mbere yo kumubaga - Gukurikirana abarwayi igihe babagwa - Ibikubiye muri raporo yo kubaga umurwayi n'igihe cyakoreshejwe mu kumubaga.	
	CS8b. Ibyitabwaho mu kubaga byagaragajwe na Minisiteri y'Ubuzima birahari.	CS8b. Kugenzura niba ikopi z'ibyatabwaho bijyanye n'ahabagiriwe abarwayi zihari ku kigero gisabwa hakurikijwe umubare uteganijwe w'abarwayi bazabagwa.	



4. Ibikoresho n'ibigemurwa (ES)

Igipimo ngenderwaho	Uburyo bw'igenzura	Ibyitabwaho:	Amanota: M, NM, cyangwa NA
ES1. Hari uburyo bwo gucunga ububiko bw'ibikoresho.	ES1a. Ikigo gifite urutonde rw'ibikoresho n'ibigemurwa bisabwa biyanye n'ibyo kigomba kuba gifite.	ES1a. Hari urutonde rw'ibikoresho rukubiyemo: • Nomero uranga igikoresho • Ubwoko bw'igikoresho • Izina ryacyo/uwagikoze • icyiciro na nomero ikiranga (uwagikoze) • Incamake y'uko gikora/icyo gikoresha • Itariki cyaguriweho • igiciro • abo kiri mu kigo • imiterere yacyo (kirakoresha cyangwa ntigikoresha n'impanvu kitagikoresha) • ibisabwa ku ngufu zacyo (ingufu) • ibisabwa kuri serivisi • itariki cyagereyeho mu bubiko	



	ES1b. Hari ingamba n'uburyo bw'imikoreze biri mu nyandiko bijyanye n'imicungire y'ububiko bw'ibikoresho.	• ucyitaho • uwakigemuye ES1b. Ingamba n'uburyo bw'imikoreze bireba: • igenzura rijyanye no gusaba no kwakira igikoresho mu bubiko • Nomero iranga igikoresho • Ubuziranenge bw'igikoresho • Igikoresho cyatanze • Kwandika ibyahindutse bijyanye n'igikoresho • Igenzura rya buri mwaka ry'ibikoresho byose bitagikoreshe	
ES2. Ibyibanze mu mikoreshereze y'ibikoresho n'ibigemurwa igaragara mu bigo by'ubuvuzi	ES2a. Hari urutonde rw'ibikoresho, ibigemurwa n'ibyumama. ES2b. Ibyuma n'ibigemurwa bibitswe neza kandi bishyunguwe mu cyumba gisukuye.	ES2a. Hari urutonde rw'ibikoresho, ibigemurwa n'ibyumama by'ibanze rushingiye ku bigomba gutangwa n'ikigo cy'ubuvuzi. ES2b. Ibikoresho n'ibigemurwa bibikwa ahantu hasukuye kandi hafungwa, biri ku murongo kandi bibikwa biriho amazina yabyo.	

	ES2c. Kureba niba ibikoresho byose n'ibigemurwa bihari kandi bitarengeje igihe.	ES2c. Ibigemurwa nibirarenza igihe, ibikoresho by'ibanze birahari, bipanze neza –kandi uko biri byujije ubuziranenge.	
ES3. Hari uburyo bw'imikoreshereze yihutirwa y'ibikoresho n'ibigemurwa mu kigo cy'ubuvuzi	ES3a. Hari urutonde rw'ibikoresho n'ibigemurwa bikoresha mu buryo bwihutirwa,	ES3a. Hari urutonde rw'ibikoresho n'ibigemurwa by'ibanze hashingiwe ku buvuzi n'uburyo bwo gutanga ubuvuzi bwihuse bitangwa n'ikigo n'abantu bigenerwa (Kureba ibikubiyeye muri serivisi z'ubuzima zitangwa)	
	ES3b. Hari ibikoresho byifashishwa mu buryo bwihutirwa mu guhangana n'ibibazo byihutirwa.	ES3b. ibikoresho byifashishwa mu buryo bwihuse bishobora kubikwa mu tubati, kontineri, cyangwa ubundi bubiko bikoresha mu buryo bworoshye kandi butekanye.	
	ES3c. Ingamba n'uburyo bw'imikorere bigaragaza uko ibikoresho n'ibigemurwa byifashishwa mu buryo bwihutirwa bifatwa.	ES3c. Ingamba n'uburyo bw'imikorere bigaragaza uko ibikoresho n'ibigemurwa bifatwa.	
	ES3d. Kugenzura niba ibikoresho n'ibigemurwa byose bihari kandi bitarengeje igihe.	ES3d. Ibigemurwa bikoresha mu buryo bwihutirwa bigomba kuba bititse neza, biriho amazina yabyo, bitarengeje igihe, kandi iby'ibanze	



		bikaba bihari bikoresha mu buryo bwiza- kandi byujije ubuziranenge.	
ES4. Imiti ikenewe mu buryo bwihutirwa yemewe gutangwa n'ikigo cy'ubuvuzi iboneka mu kigo no mu kigero gisabwa.	ES4a. Hari urutonde rw'imiti ikenewe mu buryo bwihutirwa ijyanye na serivisi ikigo cy'ubuvuzi cyemerewe gutanga (zemejwe na Minisitiri y'Ubuzima) ES4b. Imiti ibitse neza, yanditseho amazina kandi ntiyarengeje igihe.	ES4a. Urutonde rw'imiti rushingiye ku buvuzi butangwa n'ubwoko bwa serivisi zihatangirwa n'umubare w'abarwayi ikigo giteganywa kwakira. ES4b. Gusuzuma niba hari imiti ikoresha mu buryo bwihutirwa no mu kigero gisabwa, kandi imiti itarenza igihe.	
ES4c. Hari ingamba n'uburyo bw'imikorerere bw'ububiko bw'imiti.	ES4c-d. Ingamba n'uburyo bw'imikorerere bugaragaza:	- Gutumiza imiti (ubishinzwe, inshuro bikorwa, uburyo bikorwamo) - Gukoresha amakarita/ibitabo by'ububiko (ikigero cyo hejuru ndetse n'ikigero cyo hasi ku miti ikenewe) - Uburyo bwo kubona imiti itari mu nyandiko - Ni nde ushinze gucunga imiti?	
ES4d. Inshingano z'ushinzwe gucunga imiti zirasobanutse.			



ES5. Ikoreshwa ry'imiti rikurikiza amabwiriza y'umutekano	ES5a. Ingamba n'uburyo bw'imikorere mu imicungire y'imiti byashyizweho kandi biyanye n'amategeko, amabwiriza ya Minisitiri n'imirongo ngenderwaho y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe ubuzima.	ES5a. Hari ingamba n'uburyo bw'imikorere bisobanura uko imicungire y'imiti ikorwa mu kigo bikubiyemo nibura ibi bikurikira: - Imiti iteye kimwe - Imiti y'ukiri mu gihe cyo kuvura - Uwandikira umurwayi imiti - Uha umurwayi imiti - Uko imiti igenzurwa mbere y'uko itangwa - Uko imiti ibikwa - Isuku y'inshinge - Gutelefone (gushyiramo ingamba) - Kwirinda gukoresha impine z'amagambo - Amabwiriza ahabwa abarwayi - Imiti ihindura imyifata n'igira ingaruka ku bwonko, iyo bishoboka - Kwerekana ingaruka z'imiti zitari zitezwe - Imicungire y'ibikonjesha (iyi ari ngombwa)
---	--	--



